Journal
Inkiko Gacaca

N° 62 Mata 2006 Gisohoka rimwe mu kwezi Gitangirwa ubuntu

Ku nshuro ya 12 u Rwanda rwibutse abarwo bazize jenoside

«Kwibuka ni ukugira ngo ibibi byabaye mu mateka yacu bitazasubira »Perezida Kagame

Aya magambo akubiye mu ijambo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yavugiye i Nyamasheke ahateraniye tariki ya 7 mata 2006 imbaga y'abantu barimo n'inshuti z'abanyamahanga mu kwibuka abanyarwanda bazize jenoside yo mu mwaka w'1994. Iyo mihango yo gutangiza icyumweru cy'icyunamo yabereyemo n'ishyingura mu cyubahiro ry'amagufwa y'abantu 139 bari bacyandagaye hirya no hino ku mirenge, bagasanga abandi bantu bagera ku bihumbi 45 biciwe kandi bashyinguwe ku Rwibutso rw'aho kuri Kiliziya ya Nyamasheke.

Perezida Paul Kagame ashyira indabo ku mva z'abazize jenoside i Nyamasheke

Nyuma y'umuhango nyirizina wo gushyingura no gushyira indabo ku mva z'inzirakarengane ziciwe aho i Nyamasheke, abayobozi batandukanye bafashe ijambo rijyanye n'uwo munsi. Uretse ijambo ry'Umukuru w'Igihugu, abandi bagize icyo bageza ku bari aho ni Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo (iyo Minisiteri ni yo ifite ukwibuka mu nshingano zayo), uwari uhagarariye Intara y'Uburengerazuba, n'umuyobozi w'umuryango Ibuka. Abari aho bateze amatwi n'ubuhamya bw'abagabo 2 barokokeye aho i Nyamasheke, Padiri Rugirangoga na Kayitani.

Ni abanyarwanda bitesheje agaciro, ni bo bonyine bazakigarurira

Mu ijambo rye, Perezida wa Republika yagarutse ku mateka mabi iki gihugu cyagize mu myaka yashize, agaragaza ireme n'impamvu tugomba kwibuka ati : « kwibuka ni ukugira ngo ibibi byabaye mu mateka yacu bitazasubira ». Akomeza avuga ko nta kundi, tugomba guhangana n'ingaruka z'ayo mateka mabi ya jenoside ; ko turamutse duhunze izo ngaruka twaba tugiye gusa nk'abakoze ubwicanyi. Yavuze ko ayo mateka mabi tugomba kuyavanamo amasomo. Agaragaza ko ibyakozwe, byakozwe n'abayobozi bishe abo bayobora, bakabishoramo n'abandi banyarwanda, ariko ko n'abanyamahanga babigizemo uruhare mu gihe bamwe muri bo bakaga indangamuntu abazaga babagana, bakabereka inzira bacamo, zibakiza kuri bamwe cyangwa zibaviramo urupfu ku bandi.

Ibi byatumye agera no ku gitekerezo gikomeye yagejeje ku Banyarwanda, abereka ko abanyarwanda bitesheje agaciro kubera ibyo bakoze, ko batazategereza ko hari undi muntu uzabagarurira ako gaciro, ko ari bo ubwabo bagomba gushaka uko bakigarurira. Perezida Kagame yanashimye abanyarwanda batabaye bagenzi babo bahigwaga nk'uko byari byanagaragajwe n'abatanze ubuhamya, avuga ko ari bo bari bakwiye kugaragara nk'intwari, aho kugira ngo ubwo butwari bujye bwitirirwa n'abataragize icyo bakorera bagenzi babo kigaragara bakunze kwigaragaza muri za filimi.

Abatanze ubuhamya ntibagaragaje gusa karuvariyo banyuzemo muri Mata 1994, ahubwo berekanye ko ubwicanyi bwakorewe abatutsi butatangiye muri 94, ko bwatangiye cyera, guhera muri za 59 (n'ubwo icyo gihe ubwicanyi butiswe jenoside). Nka Kayitani

komeza urup. 4

Ibindi birimo

- Baraharanira gupfobya jenoside yo mu Rwanda.....P. 2
- Hari imihango yo kwibuka itarakozwe.....P. 7
- L'implication des grandes puissances dans différents génocides..... P. 10
- Uko jenoside yateguwe mu Rwanda..... ..P. 14

Iki kinyamakuru cyandika kikanasobanura ku Nkiko Gacaca no ku butabera muri rusange

Ni icy'Urwego rw'igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca (SNJG) giterwa inkunga na

EUROPEAN COMMUNITY
COMMUNAUTE EUROPEENNE

Baraharanira gupfobya Jenoside yo mu Rwanda

Mu cyumweru cy'icyunamo, ibinyamakuru byinshi byasohotse , mu Rwanda no mu mahanga, byibanze ku banditsi b'ibitabo bishyize hamwe mu kugoreka Jenoside yo mu Rwanda. Byibanze kandi ku ruhare rw'Ubufaransa n'amahanga yose mu gushyigikira iyo Jenoside.

Ikinyamakuru «**Le Soir**» kirasobanura ko ibitabo bitandatu byasohokeye rimwe birimo n'icyitiriwe umunyarwanda Ruzibiza Abdul, byose byari bigamije kwihagararaho mu kurengera uruhare rw'abafaransa muri Jenoside yabaye mu Rwanda. Ngo abo banditsi baraziranye bose kandi bakura amakuru muri raporo y'uwitwa Burguière ndetse na Ruzibiza ubwe. Abo banditsi kandi ngo bahuriye kugushaka kuvuga ukundi Jenoside yabaye mu Rwanda kutari ukuri nyako muri iki gihe hari urubanza rwashyikirijwe urukiko rw'ubufaransa rushinzwe gucira imanza ingabo z'abafaransa zoherejwe mu butumwa hanze. Umunyamakuru Colette Braeckman wigereye barahungiye muri zone turquoise; abo basirikare bakavuga ko bagiye kumuhisha muri S.O.S ku Gikongoro aho bari bakambitse, nyuma umukozi wo mu rugo akamufatira ku ngufu imbere yabo. Abandi n'abahoze ari interahamwe n'abasirikare batsinzwe basobanura ukuntu ingabo z'abafaransa zabafashaga mu bikorwa byabo no kubigisha ibyo batazi ndetse no kubaha ibikoresho.

"Ububwa " (lâcheté) bw'abafaransa

Umunyamakuru Patrick Mei we aratangaza ko niba ubafaransa bwikomye abanyamakuru

Abagiharanira gupfobya jenoside nibisubireho,baratoneka ibikomere by'abakomeje gushyingura mu cyubahiro ababo.

mu Rwanda mu ntangiriro z'uyu mwaka aremeza ko umucamanza w'umufaransakazi Brigitte Reynaud akigera mu Rwanda, abacitse ku icumu biganjemo abo mu Bisesero, bamwuzuyeho ngo bamuhe ubuhamya agatangara. Abo banyamakuru basa n'abishyizehamwe mu kugoreka Jenoside yo mu Rwanda haravugwamo Pierre Péan, Liyetona Abdul Joshua Ruzibiza, Charles Onana na Charles Hogan.

Uwo munyamakuru Collette Braeckman arakomeza yibaza ati kuki abasirikare b'ababiligi boherejwe muri Somalia muri 1993, bahanwe cyane bimaze kugaragara ko hari ibikorwa bibi bakozeyo kandi Leta yaboherejeyo ntiyigeze ibakingira ikibaba. Ati kuki bitagenda bityo ku basirikare b'abafaransa niba koko barabikoze ku giti cyabo batahawe itegeko n'abayobozi babo. Akongeraho ati kuki iyo umuntu avuze umusirikare w'umufaransa, ubufaransa bwose buhita bwiyumva. Braeckman yatanze urugero rw'uwacitse ku icumu wabaga mu mujyi wa Kigali wafashwe ku ngufu n'umuboyi w'ingabo z'abafaransa ubwo yajyaga gushakisha abana be bari babutunga agatoki muri jenoside, butibeshya abo barwana nabo, ahubwo bwibeshya intambara bugiye gushoza. Aragira ati, muri iki gihe, ntawe ukwiye guha icyubahiro abasirikare b'abafaransa n'uburyo batarinze abanyabisesero biciwe mu maso yabo bari banabibwiwe, ibyo bikiyongera ku ngufu nyinshi zari zarakoreshejwe mu cyo bitaga gutahura abanzi aribo batutsi. Ibyo bikaza kandi byiyongera ku mwanzuro wa 912 abafaransa batoye ku ya 21 Mata 1994 wo gukura ingabo zabo mu Rwanda; ibyo bikaba bisobanura icyo uwo munyamakuru yise ububwa (lâcheté) bwiyongeraga kubw'abasirikare b'ababiligi na Loni bari biyemeje gutahuka bareba jenoside irimbanyije. Jenoside igiye kurangira, ngo ingabo z'abafaransa zongeye kugaruka mu Rwanda zibona rero ko FPR yarangije akazi kayo, ikaba igiye no gufata ubutegetsi. Uwo munyamakuru arakomeza ati ibyo ntibihagije! Ubufaransa nibwibuke ko aribwo bwahaga inama perezida Habyarimana ubwo ubutegetsi bwe bwatekerezaga, bukanategura jenoside.

Ikinyamakuru «**L'Humanité**» cyo kiranenga imyitwarire ya Minisitiri w'ingabo, Madamu Michelle A. Marie, wavuze ko ingabo ze zitagomba kwandagazwa zicibwa urubanza. Kigakomeza cyibutsa ko abafaransa ndetse n'abandi bazungu jenoside yabaye bayirebera bakanayiha umugisha. Icyo kinyamakuru kikaba kinanenga uburyo amategeko agenga ubufaransa yongewemo amagambo arata«ibyiza»by'ubukoloni. Kiti Jenoside yo mu Rwanda yamase k'ubufaransa nk'igipfuko cya siparadra gifashe ku mubiri.

Nyamara Loni yari ibizi.

Ikinyamakuru"**The New Times**,, cyibukije ibyanditswe n'ikirangirire Wole Soyinka ku ya 11 Gicurasi 1994 agira ati u Rwanda, nk'umuryango w'abenegihugu rwitabye Imana. Yakomeje agira ati ikintu cyo kuvuga ubusugire bw'u Rwanda gikwiye kuvaho, tukajya muri kiriya gihugu, tugahagarika jenoside irimo gukorwa. Nyamara, perezida w'ubufaransa, François Mitterrand we ngo yahise avuga ati:"Mu bihugu nka biriya, jenoside si ikintu cyahabwa agaciro cyane,, Kofi Annan wari ushinzwe ibikorwa byo kugarura amahoro ku isi nawe, muri icyo gihe yagize ati:"Niba amashusho y'imirambo ibihumbi irimo kugaragara, n'imbwa zirimo ziyitaburura, tukaba tubireba ntitugire icyo dukora, sinzi uko bizagenda,, Nyamara yaje kwandikira Roméo Dallaire, wari uyoboye ingabo z'Umuryango w'Abibumbye ko atemerewe kurenga ku butumwa yahawe, akirinda kumena amabanga, kandi akibuka ko abanyamahanga bagomba kuvanamo akabo karenge. Ikindi ngo ni inyandiko zahoraga zoherezwa na Roméo Dallaire ko interahamwe zirimo gutegura gutsemba ubwoko no kwivugana ingabo z'ababiligi ziri muri MINUAR kugira ngo zibone uko zikora jenoside ntawe uzirega cyangwa se ngo azikome imbere. Yasabye uruhushya rwo kwambura izo nterahamwe intwaro, Kofi Annan amusubiza ko ibyo bitari mu nshingano yo kugarura umutekano.

Kuri Leta zunze ubumwe z'Amerika ngo uwari uzihagarariye mu Rwanda ntiyigeze amenyesha iwabo imyiteguro ya jenoside yari irimo gukorwa mu Rwanda. Ngo yatangaje ko asanga ari ukwivanga mu bibazo by'abenegihugu ubwabo. Icyo kinyamakuru kikibaza kiti kuki byagombye gufata ibyumweru bitatu byose ngo amahanga yemere ko ibyo yabonaga neza ari jenoside? Hanyuma akanafata amezi atatu yose ngo hoherezwe ingabo z'amahanga mu gihe Kofi Annan yari yaramenye ubwe ko ibyakorwaga byari bitandukanye n'intambara isanzwe. Ku ruhare rw'abafaransa, icyo kinyamakuru kiragaruka ku cyegeranyo cyerekana ko ubufaransa bwahaye imyitozo n'intwaro abakoze jenoside, bukaba bwarabakoreraga n'ipererezа. Igihe ubwicanyi bwabaga muri 1993, cyane cyane mu burengerazuba bw'u Rwanda, ngo hari umusirikare mukuru w'umufaransa wavuze ngo: " ntibitangaje ibingibi muri Afurika „ Icyo gihe kandi Mitterrand yavuze ko igihugu cya Uganda cyashyigikiye abavuga icyongereza, ni icy'ubufaransa kigomba gushyigikira

Komeza urup 3

Journal Inkiko Gacaca

Ijambo ry'Ibanze

Twibuke jenoside twitabira Inkiko Gacaca

Insanganyamatsiko y'icyumweru cy'icyunamo yari: "Twibuke jenoside twitabira Inkiko Gacaca kandi tugira ubutwari bwo kuvugisha ukuri no guhangana n'ingaruka zayo." Gahunda yo kwibuka jenoside igitangizwa, Abanyarwanda bose ntibayumvaga kimwe: hari bamwe bumvaga ko kwibuka ari uburyo bwo guhembera umujinya n'uburakari n'inzika by'abiciwe ababo mu gihe cya jenoside.

Ariko mu by'ukuri, umujinya n'uburakari n'inzika si byo biba bigenderewe, ahubwo kwibuka ni ngombwa kuzirikana izo nzirakarengane, ndetse igihe cy'icyunamo kikaba n'umwanya wo gushyingura mu cyubahiro amagufa yabo yaba acyandagaye hirya no hino mu gihugu. Kwibuka bikaba kandi n'umwanya wo gutekereza kuri ariya mahano yagwiririye igihugu cyacu kugira ngo umunyarwanda wese atekereze icyo yakora kugira ngo bitazongera kubaho ukundi.

Uko imyaka igenda ishira rero, niko Abanyarwanda bagenda barushaho gusobanukirwa impamvu kwibuka jenoside ari ngombwa, bigatuma ndetse banitabira ari benshi gahunda zijyanye n'icyumweru cy'icyunamo.

Mu ijambo Perezida wa Repubulika yavugiye i Nyamasheke atangiza icyumweru cy'icyunamo, ku wa 7 Mata, yibukije ko " kwibuka ari ukugira ngo ibibi byabaye mu mateka yacu bitazasubira." Avuga kandi ko "tugomba guhangana n'ingaruka z'ayo mateka mabi ya jenoside, ko turamutse duhunze izo ngaruka, twaba tugiye gusa n'abakoze ubwicanyi." Perezida Kagame yanavuze ko, kubera ibyo bikorwa bibi, abanyarwanda bitesheje agaciro, kandi ko ari nabo ubwabo bagomba kureba uko bakwigarurira ako gaciro bitesheje.

Agaciro abanyarwanda bitesheje kazashobora kubagarukira igihe Abanyarwanda, abishe n'abiciwe, bazumva ko bakwiye gufatanyiriza hamwe bakavugisha ukuri ku byabaye, umuntu wese wabigizemo uruhare agaca bugufi agasaba imbabazi abikuye ku mutima; kandi umunyarwanda wiciwe nawe akagira ubutwari bwo kwihangana agatanga imbabazi nyakuri nubwo bitoroshye, kuko n'ubusanzwe intwari zigararira aho rukomeye. Icyo gihe imitima y'abanyarwanda ishobora gutuza, abantu bose bakavugisha ukuri, noneho Inkiko Gacaca nazo zigakora umurimo wazo w'ubutabera bufasha abanyarwanda kugera k'ubumwe n'ubwiyunge buri munyarwanda yumva ko afitemo uruhare.

Ubwanditsi.

Baraharanira gupfobya Jenoside yo mu Rwanda

ibikurikira urup.2

abakoresha ururimi rw'igifaransa. Ambasaderi Lewis, mu izina ry'abakoze icyo cyegeranyo, yagize ati bariya bose bashoboraga gukumira Jenoside itaranaba.

Ikinyamakuru«**La libre Belgique**» cyo mu bubiligi kiragira kiti abaharanira kugoreka ibyabaye barashaka kujijisha abatuye i Bruseli. Umunyamakuru Gerard Papy asobanura ko buri gihe iyo hibukwa jenoside yo mu Rwanda, mu Bubiligi havugwa ko hari abashyigikiye ibyakozwe na Habyarimana, abo bantu bakaba bibumbiye mu cyo bise MDHR batangaza ko ari abahutu bo mu gice bise"Hutu power„ Umunsi wo kwibuka ngo batanze gahunda isa ni iya IBUKA/ ishami ryo mu Bubiligi, kugira ngo baze guhurira ku ngoro y'ubutabera y'aho i Buruseli. Abagize umuryango IBUKA aho ngaho bahise bamenyesha umukuru w'umujyi wa Buruseli, Freddy Tielemans ko ishyaka MDHR ari ishyaka ry'ivanguramoko kandi rikaba rinahakana jenoside yakorewe abayahudi. Aha icyo kinyamakuru kiravuga ko umuyobozi wa Buruseli, amaze kubuza abo bantu kuvangira IBUKA kwibuka, abo bantu ngo bamusabye kwerekana filime mu gace gatuwe n'abayahudi, nabwo arabangira. Ngo mu Bubiligi nta tegeko rihari rihana abahakana jenoside yo mu Rwanda nkuko hari irihana abahakana iy'abayahudi. Minisitiri w'ubutwererane w'ububiligi yasabye uw'u Rwanda imbabazi kuko igihugu cye cyemereye abahakana jenoside yo mu Rwanda kwigaragambya iruhande rw'urwibutso rwa jenoside yabaye mu Rwanda. Mu bigaragambije habonetsemo uwitwa Habyarimana Jean-Luc , Léon Habyarimana na Jeanne Habyarimana; abana b'uwahoze ari perezida w'u Rwanda, Yuvenali Habyarimana.

Muri iyo myigaragambyo kandi harimo a Koloneli Luc Marshall wari uyoboye ingabo z'ababiligi mu gihe cya jenoside, abambari b'umutwe wa FDLR, umunyamakuru Déo Mushayidi n'uwahoze ahagarariye CDR mu Bubiligi, Ubuholandi na Luxembourg, Pontien Sakindi. Uwo Luc Marshall wari uyoboye ingabo zo mu Bubiligi, harimo n'icumi ziciwe mu Rwanda, ngo yavugiye ijambo aho ku myigaragambyo, ryatumye abafasha b'abo babiligi baguye mu Rwanda baturika bararira. Umudamu w'uwitwa Stéphane Loir we yatangaje ko akubiswe n'inkuba.

Abanyarwanda baba mu gihugu cya Uganda bo batangarije The New Times ko nta filime n'imwe ishobora kwerekana jenoside yabaye mu Rwanda. Ibyo babitangaje nyuma yo kureba filime yiswe" **Sometimes in April**"; hari mu muhango wo kwibuka jenoside wateguwe na Ambasade y'u Rwanda mu gihugu cya Uganda. Habereye kandi amasengesho kuri katederali yitiriwe abatagatifu bose i Kampala.

Ubuhamya bw'abarokotse bukwiye guhabwa agaciro

Mu Kinyamakuru«**Ethiopiques**», nyakwigendera Léopold Sédar Senghor yigeze kwandika, mbere yo kwitaba Imana, agira ati dutandukanye gutekereza no kumva. Twumvise ibyo uwakoze jenoside avuga yerekana ko yari mu kuri, ibyo twaba tubyumvise, ariko ntidukwiye kubiha agaciro. Ati igihe habaye jenoside, igikwiye guhabwa agaciro cyo nyine, ni ubuhamya bw'abayirokotse. Ibyo kandi nibyo byitwa"gutekereza „. Mu magambo ye, kugira ngo byumvikane neza, yavuze ngo: « La distinction entre penser et comprendre implique une séparation entre la logique et le sens. Il y a bien une logique génocidaire ; elle est cependant sans sens. En revanche, le sens du témoignage donné par le rescapé, nous pouvons et devons le comprendre. C'est le seul sens pour nous».

Icyo kinyamakuru kiragaruka kandi ku ijambo rya Boubacar Boris Diop yanditse mu gitabo cye « **Le Cavalier et son ombre** » ati ubwicanyi mu Rwanda n'amagambo yo kubusobanura, nta gaciro amahanga abiha byombi. Ngo amahanga yabonye hapfuye abantu 100, aravuga ngo habaye akantu kadasanzwe ; hapfuye ibihumbi ijana, abanyamakuru babatura kamera zabo ngo bagiye gufotora ; bababwiye ko hapfuye miliyoni y'abanyarwanda, abanyamahanga bemera umunota umwe wo guceceka bibuka. Nyamara bumvise umuntu wasiganwaga mu mamodoka witwa Arton Sena, ubwo yitabaga Imana, batanze iminota 13 yose yo kumwibuka.

Byakusanyijwe na
Rubingisa Jean-Claude

Ku nshuro ya 12 u Rwanda rwibutse abarwo bazize jenoside

«Kwibuka ni ukugira ngo ibibi byabaye mu mateka yacu bitazasubira »Perezida Kagame

Ibikurikira urup. 1

yavuze ko nyuma y'ihunga ryakurikiye 59, abatutsi b'aho za Nyamasheke bishwe n'abantu bari bayobowe na Iyakagaba Yozefu wari Burugumesitiri wa Kagano, nyuma bakajya kubajugunya mu ishyamba rya Nyungwe, mu Rwabayanga. Uwo muhamya yavuze ko abandi bagize uruhare muri ubwo bwicanyi (bw'imbanziriza jenoside) ari Pasikali Mayira wo mu Gatare na Karasira w'i Shangi. Ubwicanyi bwabaye hagati ya 90 na 94 bwo ni padiri Ubalidi Rugirangoga wabuvuzeho. Yagaragarije abari aho ukuntu ku itariki 4-5 ukwakira 1990 aho kuri paruwasi Nyamasheke bafashe abantu barabafunga. Ubalidi wari Padiri mukuru kuri iyo paruwasi ngo yareba agasanga abafunzwe ari abatutsi gusa. Icyo gihe ngo ni bwo bishe umugabo witwa Gatera wari utuye i Kibogora bamuteye iwe nijoro.

Ikindi, anahurizaho na Kayitani ngo ni uko muri icyo gihe babuzaga abantu guhagarara hamwe, ariko ngo bareba bagasanga byararebaga abantu bamwe. Ku bwicanyi bwakozwe guhera muri mata 1994 aho i Nyamasheke abahamya bombi babuvuzeho, ariko inkuru irambuye itangwa na Kayitani.

Ubutumwa «bw'amahoro» nibwo bwabaye kirimbuzi

Abahamya bombi bavuze abagize uruhare mu kwica impunzi zari zarahungiye kuri paruwasi ya Nyamasheke. Uwa mbere bahurijeho ni uwitwa Terebura wari superefe wa Rwesero. Ubalidi ati uyu mugabo « yaje gutanga ubutumwa bw'amahoro ku bantu bari kuri Kiliziya ya Nyamasheke, ariko aho yavaga hose hararaga hahiye ».

Kayitani we ati « iyi ndyarya, superefe wa Rwesero, yaje mu kiliziya aho twari, yicara mu ntebe y'amahame, afite bibiliya avuga ko agiye kuturindira umutekano ». Uwo muhamya yakomeje avuga ko nyuma y'inama Terebura yakoreshereje ku cyari komini Kagano, yambitse imodoka amabendera y'umuryango utabara imbabare azenguruka imirenge yose afite indangururamajwi avuga ngo umututsi wese aho ari ajye kuri paruwasi Nyamasheke, ngo uza kugwa mu rugo cyangwa aho yihishe biramureba. Kayitana akavuga ko byari amayeri yo kubakusanyiriza kuri paruwasi kugira ngo babicire hamwe.

Abandi bantu Ubalidi avuga bagize uruhare rukomeye mu bwicanyi bw'i Nyamasheke ni uwitwa Sewabeza wari umusederi(wo mu ishyaka rya C.D.R), na Majyambere wakoraga ku Rukiko rw'ubujurire rwa Cyangugu. Avuga kandi ko mbere y'uko batera abari bahungiye kuri paruwasi, uwitwa Matiyasi Mayira wari burugumesitiri wa Kirambo yabanje gukwiza igihuha ko hari Inkotanyi zateye ziturutse mu Kivu, nyuma ariko bikaza kugaragara ko ari ubwato bwari bujemo interahamwe.

Ubalidi yavuze ko abantu bari kuri paruwasi babanje kurindwa n'abajandarume batatu, nyuma haza ibitero by'abantu bari bafite intwaro za gakondo, abo bajandarume bararasa hapfamo abantu batatu. Nyuma ngo aho ku kiliziya Prefe Bagambiki yahazanye na Musenyeri Ntihinyurwa Tadeyo, basa n'abahosheje urwo rugamba. Icyakora abantu bari barashwe n'abajandarume ngo babageretse kuri Padiri Ubalidi, biba ngombwa ko Musenyeri Ntihinyurwa amujyana kuri Katedarali ya Cyangugu. Ku buryo ubwicanyi nyakuri bwatangiye we yaragiye. Uwabutangiye ubuhamya ni Kayitani.

Kayitani yavuze ko ubwo Musenyeri Ntihinyurwa yazaga kuri paruwasi Nyamasheke yahagumye, ahubwo akohereza Padiri Ubalidi, nyuma akaza gusaba umupadiri umwe wari aho gushyingira ababanaga badashyingiye, no kubatiza abantu bose batari babatije. Nyuma ariko ngo yaje gutelefona imodoka iza gutwara abapadiri bari aho n'abafurere, ibatwara bose uretse umufurere umwe wanze kugenda akavuga ko azapfana n'abandi aho. Baje kumutelefona ngo nyuma bamubwira ko abantu bari bajyanye na Musenyeri babahagaritse kuri bariyeri, bakamwambura abatutsi batatu bakabicisha amacumu, ko imirambo yabo yasigaye aho abandi bagakomeza.

Kayitani yavuze ko ubwo bari barashoboye kwirwanaho no kwigizayo ibitero by'abazaga bitwaje intwaro za gakondo, kuva ku itariki ya 15 Mata 1994 haje ibitero byitwaje imbunda na gerenade. Mu minsi itatu ngo barishe, baritura inkuta z'amazu barimo, baratwika na lisansi. Ubwo binjiraga mu mazu impunzi zari zarahungiyemo, bahorahoje abo gerenade zari zafashe cyangwa barashwe bari bakirimo umwuka, ngo Kayitani we akizwa n'uko yari arambaraweho n'imirambo y'abamaze gupfa, abishi baza ntibabone ko akirimo umwuka, nyuma akaza kunyonyomba mu ijoro akava aho. Kayitani yavuze umuturage wamuhishe igihe kirenga amezi abiri bikaza kumuviramo kurokoka.

Uwagize uruhare mu byaha bya jenoside adamarare mu bye, uwo yiciye yicwa n'ubukene ?

Undi wafashe ijambo kuri uriya munsi ni Bwana François Ngarambe, umuyobozi w'umuryango Ibuka. Yashimiye Perezida Kagame n'intwari bafatanyije mu rugamba rwo kuvana u Rwanda mu icuraburindi. Yavuze ko ingengabitekerezo ya jenoside yigishijwe abanyarwanda kuva kera(…) ashishikariza kubaka igihugu kitazongera kubamo amahano. Yagaragaje icyakora ko igihe cyose hazaba hakiri abakoze jenoside mu buyobozi bw'igihugu, mu nzego izo ari zo zose z'ubuyobozi, « tuzaba twubakira ku mucanga ». Ati " twakomeje guhabwa icyizere ko bagiye kuvanwa mu myanya badakwiye bagakurikiranwa n'ubutabera; none igihe kirageze ngo imvugo ibe ingiro ».

Ku bijyanye n'ikibazo cya FARG, Ngarambe yavuze ko inkunga Leta itera icyo kigega ari nk'igitonyanga mu muriro w'ishyamba kubera ibibazo byinshi FARG igomba kurangiza. Asaba ko Leta yahindura gahunda y'ibyihutirwa kugira ngo ku ngengo y'imari haboneke amafranga yo kugabanya ibibazo by'imfubyi za jenoside zirera, abatagira amacumbi, abandujwe sida, abatabasha gukomeza amashuri…

Ku byerekeye ubutabera ndetse n'ikigega cy'indishyi, yavuze ko, uretse amafranga Leta yashyira muri icyo kigega, hakwiye kuzajyamo n'ayatangwa n'ibihugu byagize uruhare muri jenoside, n'ayatangwa n'abakoze ibyaha. Yongeyeho ko uwagize uruhare mu byaha bya jenoside adakwiye kudamarara mu bye, uwo yiciye yicwa n'ubukene. Yarangije ashishikariza abacitse ku icumu rya jenoside gushyigikira gahunda za Leta zigamije kurinda ko ibyabaye byasubira.

Ibyo bikaba binahuye n'insanganyamatsiko y'icyumweru cy'icyunamo nk'uko yibukijwe kuri uwo munsi na Minisitiri w'urubyiruko, Habineza Joseph, igira iti „Twibuke jenoside twitabira Inkiko Gacaca kandi tugira ubutwari bwo kuvugisha ukuri no guhangana n'ingaruka zayo."

Minisitiri Habineza yavuze ko, nk'uko kera iyo hagiraga ukora amahano, byabaga ngombwa ko umuryango wose unywa amasubyo kugira ngo abantu bahumanuke, amasubyo ya jenoside ari ukuvugisha ukuri mu Nkiko Gacaca, yongeraho ko uwo muti twese tugomba kuwunywa. Yashimiye urubyiruko rwatangiye igikorwa cyo kubakira amazu abacitse ku icumu, abakangurira kugira ubushake bwo guhindura ibyangijwe n'abababoneye izuba. Yarangije agira ati: "Iminsi y'icyunamo ijye ibera abanyarwanda umwanya wo kwibuka, kugira ngo bahindure amateka mabi y'igihugu, amahano nk'ariya ya jenoside ntazasubire ukundi."

Antoine Rwagahilima

Hari imihango yo kwibuka itarakozwe kubera gutinya ihungabana

Icyunamo cy'umwaka w'2006 cyarijije benshi, gihahamura benshi ndetse bamwe binabaviramo ubumuga. Hafi mu gihugu hose biravugwa ko iki cyunamo cyarushije ibindi kwitabirwa ndetse n'ibyavugiwemo byasohokaga mu bantu ari bibisi nk'aho jenoside yabaye ejo hashize. Icyagarutsweho kenshi ni imibereho y'abacitse ku icumu itari myiza, kandi nta gihe badatakamba bavuga ko bariho nabi : Twashoboye kuvugana na bamwe mu bakozi ba Ibuka, imfubyi zibana zo ku Kimironko, abapfakazi ba Gasabo, bamwe mu bagiye i Nyamasheke mu muhango wo kwibuka mu rwego w'igihugu, abanyenyanza, n'abandi, ariko icyagaragaye ni uko iki cyunamo cyitabiriwe cyane n'abacitse ku icumu, ariko bikaba byarajyanye n'ihungabana rikabije ryagaragaye hafi mu gihugu hose aho kwibuka byaberaga, kugeza n'ubwo hamwe na hamwe bagabanyije imihango imwe n'imwe yajyaga iranga kwibuka, kugira ngo ihahamuka ribe ryagabanuka.

Hirya no hino rero haba mu madisikuru, cyangwa amagambo yavugwaga n'abacitse ku icumu, henshi bagaragazaga ko badafite aho baba pe ! nko mu Karere ka Gasabo hari abapfakazi benshi cyane. Umwe ati iyanjye irahomye ariko ntisakaye. Ufite hakwiye gusuzumwa byinshi bikanategurwa. Ahenshi usanga bubatse igisharagati gusa, ndetse banateguye ibishyitsi byo gucana umuriro. Ariko batateguye uburyo abahungabanye bagezwa kwa muganga, n'abo baganga batategujwe, cyangwa ngo banategure

Hari igihe wibwira ko wateye intambwe ijya mbere, hakazagira ibikwibutsa ko nta ntambwe uratera.

ijya kumera neza ntafite icyo ayiriramo. Ku Kimironko imfubyi zirera ziba mu nzu y'ibyumba bibiri ari 10 umwe gusa ariwe ukora. I Nyamasheke ho ngo abacitse ku icumu usanga ari abantu bitinya, badashaka no kugera mu bandi kubera imibereho mibi. Uko bambaye ni ibintu bigaragarira buri wese ko bariho nabi.

Uko kubaho nabi ariko, ntikwababujije kwibuka ari benshi, ku buryo byagaragaye ko, uko imyaka igenda ishira ariko abantu barushaho gutekereza ku babo bazize jenoside, ndetse no kwitekerezaho ubwabo. Kwitekerezaho, gutekereza ku babo bapfuye urupfu rubi nibyo bibahungabanya, ku buryo bamwe mu bakozi ba Ibuka n' Umuryango utabara imbabare « Croix Rouge » bakoze badahumeka kubera ko buri mwanya babatabazaga hirya no hino mu gihugu. Nubwo ariko icyunamo hazamo agahinda, hazamo no kuruhuka mu mutima.

Ingaruka za jenoside ntiturabasha kumenya uko twazibungabunga

Turashaka ko abantu bibuka koko. Ariko, ibyo uwahungabanye akunze gukenera nk'amazi, n'ibindi. Ugasanga umuntu ararabye, aragagaye yaje yigenza. Iyo "crise" ya "Trauma" ikanamuviramo uburwayi kamere.

Ubu abacitse ku icumu barasabwa kujya muri za Mituwele. Ariko Mituwele zivura indwara zisanzwe. Indwara zijyanye n'ingaruka za jenoside zo ngo ntibazivura. Iki ni ikibazo gihangayikishije cyane, inzego zibishinzwe zikwiye kwigaho.

Ikindi ni uko mu mivugururire ya FARG Ikigega kigoboka abacitse ku icumu kugira ngo gihuze na "Décentralisation" iri mu gihugu, amafaranga yagenewe abacitse ku icumu atabasha kubageraho. Izo nzego ntizirashobora kumenya ukuntu zakwiyegereza abacitse ku icumu ngo zibafashe, kandi abahawe ako kazi mu gihu cyose, ugereranyije, siko bafite iyo mpano (sensibilité) yo kwitangira abacitse ku icumu. Nacyo ni ikibazo kidakwiye guhishwa, kiri mu ngorane igihugu gifite. Ingaruka za jenoside rero, ziracyari mbisi haba mu kwiyumvisha impamvu zayo,haba no mu bitugaragarira n'amaso, usanga bisa nk'aho ari bishya. Abantu rero, bakwiye kwicara hamwe bagasa nk'aho basubiza amaso inyuma bakanareba imbere ibikwiye gukorerwa abacitse ku icumu bameze nabi.

Birakwiye rero ko Ibuka na Minisiteri ifite kwibuka mu nshingano bamanuka bakegera abaturage, bakegera abayobozi mu nzego z'ibanze bakabasobanurira akamaro k'igikorwa cyo kwibuka, uko gikwiye gutegurwa ukuntu abacitse ku icumu n'abandi baturage bakwiye kukitabira, kuko hari aho ugera ugasanga bategereje abantu ba Ibuka ngo ntacyo bakora bataraza; kandi ari ikintu kigomba gukorwa na buri wese, baba badahari cyangwa bahari.

Abavuga kuriya ngo bategereje aba Ibuka nibo bamenyereye ibyo gushyingura, abenshi baba bazwi ko igikorwa bakigira icyabo,ndetse n'abakozi ba Ibuka babibonamo ariko kakaba nk'agasigane. Ibi byagaragaye mu duce tumwe tw'iburazirasuba nk'i Rwamagana, mu majyepfo no mu burengerazuba i Nyamasheke.

Hakwiye rero byibura inyandiko ngenderwaho, ngari, wenda abantu bakajya bongeramo ibitekerezo buhoro buhoro, ariko hagasobanurwa inyito" kwibuka" icyo aricyo, icyo bimariye umuntu ubwe wacitse ku icumu, umuturage usanzwe ndetse n'igihugu. Hakagaragaramo uburyo abayobozi n'abaturage babishishikarizwa. Inzego z'ibanze zikajya zitegura neza icyunamo buri mwaka zikumva ko ari ikintu kigomba gusabirwa amafaranga mu ngengo y'imali ya Leta. Uturere n'Imirenge bagateganya amafaranga yo gushyingura, kwibuka mu kwa kane, kubaka inzibutso no kuzifata neza, bakanategura amafaranga yo gucyemura ibibazo bikomoka muri uko kwibuka. Ibibazo by'abacitse ku icumu rero bimaze kuba byinshi ku buryo hari hakwiye kwigwa ukuntu byagabanywa ku buryo bugaragara, byanashoboka bigashira.

.

Mu mwaka w'2000 bashyingura ku Gisozi bavuze ibibazo bafite, cyane cyane ku mfubyi zibana n'abapfakazi batagira gifasha. Mu mwaka w'2001 bashyingura Rukumberi ntacyo basize. Batanze ubuhamya barangije bagenda barira. Mu mwaka w'2002 bashyingura mu Nyakibanda nabwo byari uko barira ko batagira aho baba ko bakomeje kubaho nabi n'ibindi. Mu mwaka wa 2003 bashyingura i Mwurire hari hemejwe ko mbere y'icyunamo byibura hajya hubakirwa abacitse ku icumu badafite aho baba 10. Mu mwaka w'2004 bashyingura ku Gisozi, igihe twibukaga imyaka 10 jenoside ibaye, icyo gikorwa cyo kubakira abacitse ku icumu nticyagarutsweho kuko ntabyongeye gukorwa. Mu mwaka w'2005 twibuka i Murambi, imibereho mibi y'abacitse ku icumu yarongeye ivugwaho, ndetse harimo ko basigaye banicwa. Uyu mwaka w'2006 bashyingura i Nyamasheke, kubaho nabi kwabo kwasubije ibubisi ikibazo, ku buryo hirya no hino mu gihugu hari bimwe birinze kuvugaho kugira ngo barengere abashoboraga guhungabana ubuziraherezo.

Gasasira Gaspard

SUF yiyemeje gukomeza gufasha abacitse ku icumu

Kayitesi Mary ni umunyarwandakazi uba mu gihugu cy'Ubwongereza. Amaze kubona ibibazo abacitse ku icumu rya Jenoside yabaye mu Rwanda bahura nabyo, yashinze ikigega gifasha abacitse ku icumu yise « Survivors Fund »(SUF). Mu kiganiro yagiranye na Radio BBC ku itariki ya 15 Mata, arasobanura uko icyo kigega gikora n'ibyo kimaze kugeraho.

Nkuko yabitangaje, SUF ngo ntabwo ikorana n'abagore n'abana gusa. N'abagabo barakorana mu miryango nka IBUKA . Abana n'abagore nibo babanje gushinga imiryango nyuma ya jenoside ; niyo mpamvu icyo kigega cyibanze cyane ku bibazo byabo kandi ngo ni nabo benshi cyane. Abagabo akenshi bashobora kujya mu yindi miryango ikorana na SUF mu Rwanda igeze ku munani.

Hashize hafi imyaka 10 ...

Icyo kigega cyashinzwe mu w'1997, hashize hafi imyaka icumi. Muri iyo myaka yose, SUF ngo imaze kugera kuri byinshi. Agihura n'abanyamuryango ubwa mbere, bari bibumbiye muri AVEGA (Ishyirahamwe ry'Abapfakazi ba Jenoside), benshi ntibari bafite aho baba. Muri icyo gihe wasangaga abanyamuryango bose baza i Kigali, abava mu zindi ntara bikabagora gukora ingendo za buri gihe ngo baze i Kigali. Akazi kaba kenshi cyane ku buryo byabaye ngombwa ko SUF ifasha uwo muryango gufungura andi mashami mu tundi turere kugira ngo abo bantu bafashirizwe mu turere barimo. Ni muri urwo rwego bafunguye ibiro by'i Rwamagana, bababonera n'amafaranga yo kugira ngo bagire icyo nabo, bakuraho andi mafaranga. Ni muri urwo rwego bahahugurira abantu (Training Center), bagashobora no kuharara (Guest House), bituma n'amafaranga abafasha cyane kuruta uko bahora babashakira imfashanyo kuva hanze. SUF yashoboye no kubona inkunga yo gufungura ibiro i Cyangugu nabyo bikora neza, bakaba barimo kubaka ahantu bazajya bahurira. Ngo barateganya kubaka hose mu gihugu, uko ubushobozi buzagenda buboneka, kugira ngo ibyo kuza iteka i Kigali bicike.

Abakozi ba AVEGA nabo, mu rwego rwo kubafasha, bagenda babasura aho bari kugira ngo bamenye ibyo bakeneye, babafashirize aho bari.

Mu kubafasha, bibanda ku bibazo buri munyamuryango afite. Kenshi usanga bafite ibibazo byo kubura uwo babwira. Hakenewe ikintu cy'ubujyanama (Counselling), bakagira abantu babageraho, bakabahumuriza. Nta mafaranga menshi ngo baba bafite, ariko nk'abantu b'abarwayi, cyane cyane ba Sida, bagomba kwigishwa, bakamenya uko bakwifata n'uko bakwifasha muri ubwo buryo bukeya buhari. Ariko ngo nta mafaranga (budget) itegereje ngo kanaka araza, ambwire iki n'iki.Ariko, iyo ikibazo cyamenyekanye bakibagezaho kugira ngo barebe uko bagikemura, cyangwa se imiryango yo mu Rwanda yagerageza kubinyuza muri gahunda za Leta. Hari nk'abarwara, ntibamenye ko bashobora kwivuza muri mituweli (mutuelle), ugasanga no kwigisha abantu kugira ngo bamenye aho bashobora kubona izo mfashanyo nabyo ari ngombwa.

Kubyerekeye kuvurizwa hanze y'igihugu, Kayitesi yavuze ko bikorwa cyane. Yatanze nk'urugero rwa Mupenzi wafashijwe imyaka myinshi na SUF arwariye hanze, ahabwa ibyangombwa byose akeneye. Ariko kugira ngo uzabone ibihumbi mirongo itanu by'ama «pounds» (amafaranga akoreshwa mu Bwongereza angana na miliyoni 50 y'amafaranga y'u Rwanda) byo kumujyana kwivuza, wanayabona ugatekereza ko hari abantu baburaye ntabwo byoroshye. Ati ni byiza ko abantu bo hanze batangiye no kubafasha mu bintu bigomba amafaranga menshi. Hari n'abadamu boherejwe kwivuza muri Afurika y'epfo, hari n'abandi benshi bari ku malisiti yo kuzagenda bagishakishirizwa amafaranga.

Ikigomba kwitabwaho cyane: Gushyingura amagufa mu cyubahiro

Ku kibazo cy'inkunga abacitse ku icumu bakeneye cyane, Kayitesi Mary yashubije ko gushaka inkunga mu kurwanya Sida, byo Leta y'u Rwanda isigaye ibyitabira cyane kugira ngo abantu bose ishobore kubageraho; kandi inkunga igenda iboneka hirya no hino. Icyo kibazo ngo kiracyahari ariko nibura kimaze kumenyekana kandi abantu benshi bafasha mu kugishakira umuti. Muri iki gihe rero, ikibazo kigomba kwitabwaho kurusha ibindi ni ugushyingura amagufa mu cyubahiro. Ngo ni ikintu gikomeye cyane rwose ku bantu bacitse ku icumu SUF igenda ihura nabo bakayibwira ko bishobotse yabafasha, buri muntu nibura akabasha kumenya aho batabye abantu be, akabasha no kubashyingura mu cyubahiro, akajya anahaca kenshi, akahashyira indabo bityo akagira icyizere cy'uko ayo magufa atazongera kunyagirwa n'imvura ari hanze. Yatanze urugero rw'ahantu henshi bajya guhinga, bakahasanga amagufa, cyangwa se muri gacaca, abemeye icyaha bakakubwira ko hari umuntu wawe mu musarane, ukabura aho umushyira.

Ikindi bibandaho cyane basabwe n'abacitse ku icumu ngo ni ukubaka, kubabonera amacumbi.Uyu mwaka muri SUF, nkuko Madamu Kayitesi Mary yakomeje abitangaza, bari gushakisha inkunga hirya no hino kugira ngo uzarangire bamaze kubaka nibura amazu 400 y'abacitse ku icumu; ni bishoboka, bubake n'andi marimbi. Kuva muri 2004, bamaze kubaka amarimbi 22 hirya no hino mu gihugu; iritoya cyane rikaba ririmo abantu 5000, irinini cyane abantu ibihumbi 45 tutavuze andi aba arimo batanu, icumi, makumyabiri, abantu ku giti cyabo bagenda bikorera.

Yongeyeho kandi ko, uko imyaka igenda irangira niko umuntu yumva yibaza ati ese aba bantu bazakomeza kunyagirirwa hanze, cyangwa se mu kizu cy'amabati kugeza ryari? Bagira bate kugira ngo abo bantu babasubize agaciro kera bari bafite?

Sida: umushinga munini wa SUF

Ku kibazo cyo kumenya umushinga munini wabatwaye amafaranga menshi cyane, Madame Kayitesi yashubije ko ari sida kuko abanyamuryango bari bazi ko bafashwe ku ngufu kandi ko benshi barwaye kandi ko bagomba kwivuza. Icyo gihe imiti igabanya ubukana yari itaranaboneka, SUF ikihatira kubavuza ibyuririzi no gufasha abo mu rugo. Iyo umuntu arwaye, abana ntibabona uko biga, ntibabona ibyo kurya , …

Ku byerekeye amafaranga bakoresha buri mwaka, yavuze ko asaga ibihumbi 150 by'ama « Pounds » angana na miliyoni 150 y'amafaranga y'u Rwanda. Ngo ayo mafaranga ni make cyane ugereranyije n'ibibazo by'abacitse ku icumu. Birasaba nibura igice cya miliyoni y'ama « Pounds » kugira ngo bagere neza kuri benshi kuko ,ubu, bagera kuri bake.

Naho kubirebana n'imfashanyo, amafaranga SUF yahawe na Leta y'Ubwongereza umwaka ushize w'2005, Madamu Kayitesi yavuze ko yari milyoni 4 n'igice by'ama Pounds yo gukoresha mu myaka itanu. Umuyobozi wa SUF ati ntabwo ari menshi ugereranyije n'umubare w'abacitse ku icumu bagomba gufashwa mu bintu bitandukanye kandi mu myaka 5 yose. Igice kinini cy'ayo mafaranga ngo kigenewe abacitse ku icumu b'abarwayi ba Sida cyane, ariko, mu miryango ikoresha ayo mafaranga, n'abadafite agakoko ka Sida bazavuzwa ; n'abana babo barwaye indwara z'ibyuririzi bazagenda bafashwa.

Ku mpungenge z'uko hashobora kuba inyereza ry'umutungo wagenewe abacitse ku icumu mu Rwanda kubera ko abayitanga baba kure mu mahanga, Madamu Mary Kayitesi yavuze ko iyaba izo nkunga zanyerezwaga, SUF ntiyari kuba ikibona ifaranga na rimwe. Kuba ngo bakorana n'umushinga witwa PACFA w'Umufasha wa Perezida w'u Rwanda, Jeannette Kagame, ikaba yarabahaye icyizere cy'uko ayo mafaranga azagera ku bantu bose yagenewe bivuze ko SUF nayo bayigirira icyizere. Nkuko bigenda hose mu bintu bijyanye n'amafaranga, abaterankunga basaba raporo igenzuwe n'inzobere y'ukuntu amafaranga yakoreshejwe. Ni muri urwo rwego SUF nayo ikora raporo buri mwaka yerekana neza ayo mafaranga aho yagiye. Ibyo bituma abo mu Bwongereza bajya mu Rwanda bagasanga ibyo bababwiye bihari, niba inzu zarubatswe, niba abana biga, …Niba kandi hari ikitakozwe cyangwa se ikigomba gusimbuzwa ikindi, barabandikira babasobanurira impamvu, bakacyemera kigakorwa. Ikindi, nawe nk'umuyobozi, ngo aza kenshi mu Rwanda kureba ayo mafaranga uko yakoreshejwe ; rimwe na rimwe bagahamagara abaterankunga kureba uko inkunga zikoreshwa.

Uko SUF ibigenza kugira ngo ibone amafaranga

Madamu Kayitesi yavuze ko bibasaba ingufu nyinshi. Ngo iyo urebye ukuntu mu Rwanda abantu babayeho n'ukuntu bababaye, bituma nawe udashobora gucika intege : wandika imishinga ugasabiriza nk'uko umuntu yasabirizaga. Iyo umuntu yasabye, akerekana naho ayo mafaranga yagiye, bumva ko hari ikintu kigenda gihinduka cyangwa se cyahindutse, baremera bakagufasha. Ariko kenshi usanga hari imishinga myinshi bashakira amafaranga, bakayabura pe. Ni uguhozaho kuko hari nk'ibintu bivuka nka za « Tsunami », ugasanga aribyo amahanga yose ahugiyemo, ibyo mu Rwanda bakabyibagirwa.

Yavuze no ku kibazo cy'amafilime yerekana jenoside yo mu Rwanda agenda asohoka buri gihe kandi agatwara amafaranga menshi cyane. Ati ni byiza ko bakomeza kwerekana ayo mateka ngo atazibagirana, ariko bari bakwiye no gutekereza gufasha abacitse ku icumu, kuko batabatabaye muri jenoside kandi baragombaga kubikora. Uwacitse ku icumu ntabwo azishimira iyo filime yaburaye.

Ikibazo cy'abana bibana

Abo bana bibana ngo ni benshi cyane kandi ko bashinze umuryango wabo mu w'2000. Bagiye mu gihugu hose gushaka bagenzi babo, barabegeranya. SUF ngo igerageza kubigisha ukuntu bashobora kwirwanaho. Bose ntabwo yabagezeho, ariko benshi yabashyize mu mashuri, abandi bakuru bavuye mu mashuri ibarihira amafaranga yo kwiga imyuga kugira ngo bazabashe kurera barumuna babo. Ikindi ngo barabavuza iyo barwaye. Arasaba uwumva wese ko ari umubyeyi kujya abasura akanabafasha kuko ari "twe" babyeyi basigaranye. Ikintu cyamushimishije cyane ni uko, kuri Noheli, ababyeyi bishyize hamwe babashyira ibyo kurya (impamba).

Mu bigo SUF yabubakiye harimo "Orphans village"i Gitarama igizwe n'amazu 36; imwe ikaba ibamo abana batanu. Nyuma y'aho, babafashishije amatungo atandukanye, babigisha no kudoda. Mu mujyi wa Kigali, bahafite undi mudugudu w'amazu 10 muri Niboyi ku Kicukiro; imwe ibamo abana 7. I Kinyinya naho, barimo kubaka andi macumbi.

Rubingisa Jean-Claude

Kimisagara : kuvugisha ukuri muri Gacaca bizatuma imanza zihuta

Nk'uko byakozwe henshi mu gihugu, mu murenge wa Kimisagara mu Karere ka Nyarugenge naho habaye ibiganiro binyuranye mu gihe cy'icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya cumi na kabiri inzirakarengane zazize jenoside. Ibyo biganiro bikaba byarahuzaga abaturage b'ingeri zose bakaganira ku cyateye ariya mahano n'icyakorwa kugira ngo atazasubira. Aho ku Kimisagara, Inkiko Gacaca zagarutsweho cyane dore ko zari mu nsanganyamatsiko y'icyunamo cy'uyu mwaka wa 2006. By'umwihariko bati intego ni imwe: twitabire Gacaca twese, iburanisha ryihute kandi rigende neza.

Umurenge wa Kimisagara ubarizwa ubungubu mu Karere ka Nyarugenge ukaba ari umwe mu mirenge ituwe cyane mu mugi wa Kigali kuva ndeste n'igihe cya jenoside mu wa 1994. Ibiganiro byahatanzwe mu gihe cy'icyunamo, byaberaga ku nzu y'urubyiruko (Maison des Jeunes) iri aho mu murenge wa Kimisagara; bikaba byarabaga mu masaha y'ikigoroba. N'ubwo wasangaga abantu babyitabira basa n'abatinze kubera imirimo inyuranye babaga bavuyemo, ntibyabuzaga abahageze gutanga ibitekerezo byubaka kugira ngo ariya mahano ya jenoside atazongera ukundi.

Inkiko Gacaca ni kimwe mu byavuzweho cyane muri uko kungurana ibitekerezo cyane cyane ko insanganyamatsiko y'uyu mwaka yagiraga iti: *" Twibuke jenoside twitabira inkiko gacaca tunavugisha ukuri ku byabaye"*. Mu kugaragaza uko Gacaca iteye aho ku Kimisagara n'aho igeze, Afrika Alexis ni perezida wa njyanama y'Akarere ka Nyarugenge akaba n'umuturage w'ahongaho; agerageza kubisobanura. Ngo kuva Inkiko Gacaca zatangira muri uwo murenge yarazitegereje, akaba asanga zaragaragayemo ibyiciro bibiri by'ingenzi. Mu bihe bya mbere, abaturage babanje guseta ibirenge mu kwitabira Gacaca, ugasanga yitabiriwe n'abacitse ku icumu hamwe n'abafite ababo bafungiye ibyaha bya jenoside gusa. Yagize ati, ahongaho abantu benshi bumvaga bitabareba ku buryo hari n'igihe bajyaga gushaka abantu mu ngo kugira ngo umubare ngombwa w'inteko wuzure. Yongeraho ko n'ababaga baje, wasangaga abenshi bicecekeye. Ati muri uko guceceka cyangwa se guhisha ukuri, harimo ibice bibiri na none: hari ababikora mu rwego rwo kwanga ko ibyabo bizamenyekana n'abandi bumva ko ari ibintu bitabareba. Ikibabaje ariko, ni uko byose bigira ingaruka zitari nziza kuri abo bose.

Mu cyiciro cya kabiri, ari cyo cyakurikiyeho kikanakomera, ngo gacaca yaritabiriwe ariko abantu bakaba bari bafite intego zinyuranye. Ngo hari ababaga baje kwisobanura n'ubwo iburanisha ryari ritaratangira, naho abandi bakazanwa no gushinjura ababo. Ibi bikaba byarakorwaga n'ababaga bavuzwe muri gacaca. Ati birababaje kuko kenshi muri ibyo bikorwa, abashinjura cyangwa abiregura badakunze kuvuga abakoze ayo mahano; ibyo ngo bikadindiza gacaca cyane. Bikunze kugaragara abavuga ngo ntibazi abishe kwa Naka cyangwa kwa Runaka ariko si njye; ubundi ngo ababikoze ntitubazi kuko bari abacumbitsi; n'izindi mpamvu zinyuranye. Afrika ati na none kandi, ibintu byinshi byagiye bivugwa mu gihugu byanagiye bigaragara aho ku Kimisagara nk'amashyirahamwe ya Ceceka, gutoteza abatangabuhamya n'ibindi.

Ku ruhande rw'abacitse ku icumu, bamwe ntibatinyaga kugaragaza impungenge baterwa n' Inkiko Gacaca ko zitazabarenganura cyangwa ko umutekano wabo wahungabanye kuva mu minsi zatangiriyemo. Nka Madamu Odeta Mukarurangwa wo ku Katabaro aho ku Kimisagara ati : « Ese ko muri gacaca badusaba kwihangana no kuvugisha ukuri, njye simbona neza koko ko Gacaca izaturenganura kandi hakiriho ibikorwa byo kudutoteza! »

Umuyobozi wa Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge ati : « Ingaruka zo kutavugisha ukuri muri Gacaca ni nyinshi kandi zikaba zidasiba kwigaragaza. » Urugero atanga aravuga ati: *"Niba ikusanyamakuru n'iyemezamakuru mu nkiko gacaca byararangiye mu mirenge myinshi yo muri uyu mujyi , birababaje kubona hari ahandi hantu hakimenyekana ko hahambwe abantu mu gihe cya jenoside hakaba hataravuzwe; none ubu nyuma y'imyaka cumi n'ibiri akaba ari bwo bari kumenyekana. Ubwo rero kumenya ababigizemo uruhare bizaba urundi rugamba"*.

Iyaba abaturage bose batangaga ubuhamya nkuko Juliette abutanga i Murambi mu Ntara y'Amajyepfo

Ibyo byagarutsweho n'abantu benshi muri uko kungurana ibitekerezo. Igihe cy'icyunamo ni ugutekereza ku byabaye no kungurana inama kugira ngo bitazasubira. Imwe mu nzira rero Abanyarwanda bihitiyemo ikaba ari izo Nkiko Gacaca. Bwana Nkusi, Umuyobozi mu nzego z'ibanze ahongaho, ati mureke turebe gacaca mu buryo bwinshi ariko twibanda cyane ku byo igamije. Nkusi avuga ko mu by'ibanze Inkiko Gacaca zigamije ari ukumenya ukuri ku byabaye mu gihe cya jenoside. Nyuma ababigizemo uruhare bakabihanirwa akaba ariho umuryango nyarwanda ugomba guhera wiyunga nyuma y'ayo marorerwa.

Aho ku Kimisagara, icyagaragaye mu biganiro ku nkiko Gacaca ndetse no mu cyunamo muri rusange ni uruhare rw'urubyiruko muri iki gihe n'aho rwakwerekeza ibikorwa byarwo kugira ngo ariya mahano atazasubira ukundi, haba mu Rwanda by'umwihariko, ndetse no ku isi yose muri rusange.

Twahirwa Aimable, Umuyobozi w'Inzu y'Urubyiruko aho ku Kimisagara asanga intambwe imaze guterwa ishimishije. Urubyiruko ruragenda rwikubita agashyi mu kwitabira gahunda nk'izo ugereranyije no mu myaka yashize. Yongeyeho ko ikigo ahagarariye kiri gutegura uko cyazahuza urubyiruko rwose rutuye muri ako gace bakaganira ku mateka y'u Rwanda, n'aya jenoside by'umwihariko n'ingaruka zayo, ndetse no ku Nkiko Gacaca. Ibyo ngo bikazagira uruhare runini mu gukumira ko ayo mahano yakongera kuba ukundi kuko iyo abakiri bato babimenye bagasobanukirwa ingaruka mbi z'ibikorwa bibi nk'ibyo, barushaho kubyirinda. Iki gitekerezo akaba agisangiye na Théoneste Munyampundu wo mu Kagari ka Muganza aho ku Kimisagara. Uyu yongeraho ko imbuto z'amacakubiri zabibwe igihe kirekire, bityo hakaba hagomba ingufu nyinshi mu gukuraho ingaruka mbi ziriho ubungubu zatewe n'ibyo. Urubyiruko rero nk'imbaraga z'igihugu, rugasabwa kwitabira gahunda za Leta zirimo Inkiko Gacaca rukabikora rufite intego ebyiri. Iya mbere ni ukumenya ibyabaye ngo ruhere kuri ayo mateka ruhitemo inzira nziza rugomba kunyuramo. Indi ntego ni ugutanga umusanzu mu kubaka igihugu bavuga ibyo bazi byafasha Inkiko Gacaca kugera ku ntego yazo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimisagara Bwana Félix Masengesho akaba asaba abaturage b'ingeri zose kwitabira Gacaca kugira ngo imanza zihute kandi zirusheho kugenda neza, kandi ukuri kujye ahagaragara. Ibi bikaba biganisha ku ntego abayobozi b'Akarere ka Nyarugenge bihaye ubwo bamurikiraga Perezida wa Repubulika imihigo yabo muri iyi minsi ishize. Bwana Mubiligi Jean Marie umuyobozi w'Akarere ka Nyarugenge akaba yaravuze ko bafite gahunda yo gukura kuri 40% umubare w'abitabira gacaca ukagera kuri 80%. Ibi ngo akaba ari ngombwa cyane kuko gacaca igaragara nk'ikiraro Abanyarwanda bari kunyuraho mu nzira igana ku bumwe n'ubwiyunge birambye.

Didier Semanyenzi

Muhanga:No muri Gereza ya Gitarama bazirikana icyunamo

Gereza ya Gitarama ifungiyemo abagororwa barenga gato 7500. Muri bo, abagera ku bihumbi 6500 bakurikiranyweho icyaha cya jenoside. Abarenga gato kimwe cya kabiri (3640) bemeye icyaha baririrega. Mu cyumweru cyahariwe icyunamo, twagiye kureba uko abo bagororwa bifata muri icyo gihe. Twasanze nabo, hari ibikorwa byinshi bakora bijyanye no kwibuka no kwicuza icyaha bakoze.

Bifatanya n'abandi banyarwanda

Uwitwa ***Ruzigana Emmanuel*** ni umugabo w'imyaka 50, akaba ari kapita jenerali muri iyo gereza. Mu kutwakira yaratubwiye ati natwe twifatanya n'abandi banyarwanda muri iki gihe. Akomeza avuga ati : Igihe cy'icyunamo ni igihe cyo kwiyakira, umuntu agasubira muri we, tugatekereza ku byabaye. Dufite serivisi zidukorera ibiganiro.

Nk'itorero ryitwa « **UMUCYO** » rihuza abireze bakemera icyaha, n'ishami rishinzwe gusobanura ibya TIG (Igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro) bategura ibiganiro muri iki gihe cy'icyunamo. Haba kandi n'amasengesho menshi yo gusabira imiryango y'abitabye Imana cyangwa abakoze ibyaha, ngo Imana ibahe imbabazi n'imbaraga zo kwicuza no kwanga burundu impamvu zabajyanye mu bwicanyi.

Kuri ***Bigilimana Oskari***, ubu wujuje imyaka 40, akaba amaze imyaka irenga umunani afunze, wirega akemera icyaha, wize imyaka itandatu y'amashuri yisumbuye, akaba ashinzwe umurimo wo guhuza gereza no hanze (relations publiques) aravuga ati : « Igihe cy'icyunamo natwe turakizirikana kikatubera umwanya wo kurushaho kwicuza ».

Butare Francois, nawe wujuje imyaka 40, arirega akemera icyaha. Avuka ku Mugina.

Ati « icyo dutekereza mu gihe cy'icyunamo, ni uko dushyigikira Leta, kuko ishaka ko ibyabaye bitazongera kubaho mu Rwanda. Kuko bigaragara ko ishaka ko abanyarwanda batazasubira mu bwicanyi. Muri iki gihe, dushishikariza abantu kurushaho kuvugisha ukuri, no guhishura aho imirambo y'abantu yagiye ijugunywa. Tukifuza ndetse ko ubuyobozi bwajya buduha umwanya wo kugera ku mirenge kugira ngo dufashe abandi kumenya ibyaba bitaramenyekana. Twifuza ko gahunda yo kujyana abakoze ibyaha ku mirenge yakomeza, kugira ngo tubone umwanya wo gusaba imbabazi abo twakoreye ibyaha ».

Mukagashagaza Alfonsina ni umugore w'imyaka 37. Yari umwigisha mbere ya jenoside, mu Murenge wa Rutagara hafi ya Byimana. Afunze kuva Ugushyingo 96. Ati « kuri twe ni igihe cyo kongera gutekereza ku byabaye, tugafata n'ingamba z'ukuntu ibintu nk'ibi bitazongera kubaho ».

Naho ***Bishokaninkindi Matiyasi***, imyaka 50, uvuka muri Gitovu hafi ya Ndiza, ufunze kuva mu kwakira 94, wirega akemera icyaha, ati : « *Ni igihe cyo kongera gutekereza ku byabaye, tukagaya ikibi twakoze, umuntu akumva yifuza ko yabonana n'abo yahemukiye kugira ngo ababwire ukuri, abasabe imbabazi, twifatanye nabo mu kababaro, kandi tubikuye ku mutima ».*

Icyunamo gituma abakiri bato bamenya ibyabaye

Evariste Munyaneza, imyaka 45, na we yari umwigisha mbere ya jenoside. Avuka i Ngobagoba, hafi ya Nyange mu Budaha. Afunze kuva mu kwa kane 95. Ntiyirega. Ati : « Ibyo Leta ikora birakwiye ». Bituma abakiri bato bamenya ibyabaye. Ubutegetsi bubi bwakoresheje abantu, urubyiruko rwinshi rushorwa mu bikorwa by'ubwicanyi. Gufata umwanya wo kugaruka ku byabaye, bifasha abantu kumenya ukuri, kandi no mu muco, uwapfushije wese agira umwanya wo kwibuka uwe ».

Yongeraho gusaba ko kwibuka bitaba umwanya wo guhembera umujinya, abasabwa imbabazi nabo bakagira ubutwari bwo kuzitanga by'ukuri, batazitanze igice.

Ati « mbona ubwiyunge mu banyarwanda buzagerwaho, kuko ubutegetsi buriho buyobowe n'abagabo bafite ubutwari bugaragaza ubushake bwo guhuza abanyarwanda, kandi bagashyira mu bikorwa ibyo bavuga. Bunyuranye n'ubwahozeho biragaragara ».

Dutekereza no kwanga ibintu by'ingengabitekerezo

Bakomeje bavuga bati « ibihe turimo biraturushya kandi bikatuvuna ». Iyo dutekereza ku byabaye, dutekereza no ku butabera. Usanga ubutabera buhengamiye gato ku bemera icyaha. N'iyo yemeye gato, ashobora kurekurwa, akajya gutegereza ubutabera ari mu muryango we, akorera abana be. Ariko abatirega, kandi ni benshi bakiri muri gereza, rimwe na rimwe nta n'ibirego bafite mu madosiye yabo, na Gacaca ibashinjura, ariko bakaguma muri gereza, ntibahabwe nabo ayo mahirwe yo kujya gutegerereza ubutabera mu ngo zabo, ngo icyaha nikibagaragaraho, bazasubizwe muri gereza. Bati « ibyo Leta ikwiye kubitekerezaho, bagashishoza, kuko n'inzangano abantu bagirana mu miryango zishobora kugira uruhare muri kuriya gufungisha abandi ».

Ntahonkiriye Fawusitini, nawe wujuje imyaka 40, ufunze kuva 1996, akomoka muri Gisunzu. ***Ati « gutekereza ku byabaye bidutera isoni n'ipfunwe. Kandi nta nyungu ababikoze babikuyemo ». Ati « ni twe twabigizemo uruhare, ntitugomba kubyirengagiza*** ». Abantu bakoze ibyaha bibi, bikomeye, bidusigira igisare kibi n'igihombo kinini.

Ikindi dutekerezaho ni ingaruka twasigiwe na jenoside. Haba kuri twebwe dufunze, ku miryango yacu, cyangwa ku barokotse. Ikindi dutekerezaho ni uko twifuza kwegerana n'abo twakoreye ibyaha, tukabasaba imbabazi nta guhangana, kuko guhangana ntacyo byatugejejeho. Ati "ikindi dutekerezaho ni ukwanga ibintu by'ingengabitekerezo, n'ibiyikomokaho byose, ari na byo byatugejeje aha. Turushaho kandi kumvisha abataratinyuka kuvuga kurushaho kuvugisha ukuri, ngo abafite ibyo bazi barusheho gufasha gacaca kugera ku ntego zayo".

N'ubusanzwe upfushije uwe arababara

Munyaneza Pasikali afite imyaka 57. Avuka i Gihango muri Rutsiro, afunze kuva 1997 kandi arirega. Ati "igihe cy'icyunamo kigomba kubaho, ni ngombwa ku banyarwanda bose, by'umwihariko ku bantu babuze ababo". Ati "ibyabaye ni amahano akomeye, yo kubona umuntu yica uwo batigeze bagira icyo bapfa, ni ibintu bikomeye bitagomba kwibagirana". N'ubusanzwe upfushije umuntu we arababara. Birenzeho rero, iyo upfushije umuryango, ugasigara wigunze uri wenyine, uri ikimuga cyangwa utanishoboye.

Iki ni igihe kigomba kumvisha buri wese ko agomba kwicuza. Ariko kandi ntibagomba kwitirira ibyabaye abafunze bonyine . N'abatafunzwe bagomba kumva ko ubutabera bubareba. Ni yo mpamvu dufite icyizere muri gacaca, twizera ko izafasha kumenya ukuri, no kunga abanyarwanda.

Inyangamugayo ngo nizirinde abazikoreramo

Mu butumwa bwabo, bifuje ko inyangamugayo, bigaragara ko zidakora kimwe ahantu hose, kandi itegeko zifite ari rimwe, zakwirinda abazikoreramo, zigaca imanza mu kuri, zishingiye ku bimenyetso bifatika, nta guhimbira abantu n'ibyo batakoze.

Ikindi benshi bagarutseho, ngo ni uko ibihano biremereye nk'imyaka 25 na 30 bitajyana mu nzira y'imbabazi n'ubwiyunge nk'uko yari intego ya gacaca. Bati "itegeko rikwiye gusubirwaho kugira ngo uwemeye icyaha akicuza agasaba imbabazi, ahabwe umwanya wo gusubira mu muryango nyarwanda, nawe ajye kubabarirwa no kwiyunga n'abandi".

Abireze bakemera icyaha bari muri gereza, bongeye gusaba ko inzego z'ubutabera zitabatererana ku murimo wo gukomeza gushishikariza abakoze ibyaha bataremera kumva akamaro k'ubutabera n'ubwiyunge, ntibabirekere gusa abari mu magereza, kuko hari aho bagera bakananirwa hafi gucika intege.

Cyrien Kanamugire

Human rights watch yasohoye inyandiko yerekana uko jenoside mu Rwanda yateguwe

Jenoside y'u Rwanda : Yateguwe gute ?(Le génocide rwandais : Comment a-t-il été préparé?) ni inyandiko y'amapaji 18 Umuryango Mpuzamahanga urengera uburenganzira bwa muntu ukorera i New York witwa Human Rights Watch(HRW) wasohoye mu ntangiriro z'ukwezi kwa Mata, mu rwego rwo kwifatanya n'abanyarwanda mu kwibuka ku nshuro ya 12 amarorerwa ya jenoside, n'ukuntu ibihugu by'amahanga byatereranye abicwaga.

Iyi nyandiko, mbere yo kuvuga ku bwicanyi bwa jenoside ibanza kugaragaza bimwe mu byaranze amateka y'u Rwanda. Ukuntu mu Rwanda rwo hambere, abahutu n'abatutsi kuva kera na kare bavugaga ururimi rumwe, bagashyingirana. Inyandiko ya HRW ivuga ukuntu uko gusabana kwaje guhinduka, bitewe n'uko abanyarwanda bamwe bakurikiye ibitekerezo bibatanya byazanywe n'abakoloni. Kugeza ubwo, muri za 60, ubwo abakoloni biteguraga gusubira iwabo, abahutu bishe abatutsi bagera ku 20.000 abandi 30.000 bagahunga. Abahungiye mu bihugu bituranye n'u Rwanda bagiye bagaruka gutera u Rwanda. Icyakora inyandiko ya Human Rights Watch ikavuga ko benshi muri biriya bihumbi 20 by'abatutsi bishwe, baticiwe muri ibyo bitero byagabwaga n'impunzi, ahubwo batikirijwe mu bwicanyi bwaherekeje ikiswe Revolisiyo ya 59.

Abateguye jenoside babanje gucengeza ingengabitekerezo yayo

HRW yemeza muri iyi nyandiko ko abateguye jenoside bacuze ingengabitekerezo yayo (idéologie) bakayicengeza kugira ngo uwitwa umututsi yangwe urunuka. Bimwe mu bitekerezo bakwirakwizaga, nk'uko iyo nyandiko ikomeza ibivuga, ni nko kwemeza ko, n'ubwo habaye Revolisiyo ya 59 ngo abatutsi bakomeje kwiharira imitungo, ngo akaba aribo banyirabayazana b'ubukene bw'abahutu, ko ngo abahutu bagomba kwirwanaho, ngo kuko ari abatutsi bateye u Rwanda. HRW yemeza ko icyo gitekerezo cy'uko abahutu bagomba kwitabara cyuririye ku bitekerezo by'Umwarimu wa Kaminuza, umufaransa witwa Roger Mucchielli wari warasesenguye uburyo bwo gukora poropagande. Abashakashatsi ba Human Rights Watch ngo bakaba barasanze nyuma ya jenoside mu biro inama ya guverinoma yateraniragamo, inyandiko

Bagosora ari mu bapanze umutwe wa gisivili wo kwitabara, waje gukoreshwa mu gukora jenoside

Abafashe ubutegetsi nyuma ya Revolisiyo ya 59 bakomokaga mu majyepfo no hagati mu gihugu, baje guhirikwa na Habyarimana Yuvenali mu mwaka w'1973. Ubutegetsi bwa Habyarimana bwashyizeho ishyaka rimwe rukumbi, ryayoboye kugeza mu mpera za 90. nyuma, ubutegetsi bwa Habyarimana bwaje kotswa igitutu n'abaterankunga, bureka amashyaka menshi arashingwa. Ibyo bikaba byarabanjirijwe n'igitero cy'inkotanyi cyo mu Kwakira 1990, zateye zivuga ko icyo zirwanira ari uburenganzira bw'impunzi z'Abanyarwanda bwo gutaha mu rwazibyaye. Human Rights Watch ivuga ko Habyarimana yari afite ubwoba ko amashyaka yavutse yakwifatanya na FPR Inkotanyi. Uko biri kose, ubwo FPR yari yaramaze kugera mu bice byinshi by'u Rwanda, ngo ayo mashyaka, niyo yakomeje kotsa igitutu Habyarimana, afatanyije n'ibihugu by'amahanga maze yemera kujya mu mishyikirano yatangiye muri Nyakanga 1992.

zisesengura igitabo cyanditswe na Mucchielli cyitwa « Psychologie de la publicité et de la propagande ». Bumwe mu buryo bwagaragazwaga n'izo nyandiko bahasanze ngo iyo abantu bamaze kumvishwa ko uwo batavuga rumwe agiye gukoresha ibikobwa by'iterabwoba akabamarira ku icumu, bakabyemera, bakora ibishoboka byose kugira ngo « bitabare » . Ibyo ngo bikaba bihura n'inyandiko zasohotse muri Kangura nyuma y'Ukuboza 1990, zibwira abantu ko ngo FPR yateguye intambara itazasiga umuturage n'umwe muzima. Icyo gitekerezo ngo cyongeye gushimangirwa muri Gashyantare 1991 na Léon Mugesera mu nyandiko ya kirimbuzi (pamphlet) yahamyagamo ko ngo FPR yateguye kurimbura rubanda nyamwinshi (majorité hutu) . Ni mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyo gitekerezo cya poropagande cy'uko abantu bagomba kwitabara, abayobozi bo hasi bashishikarije abahutu mu mpera z'Ukwakira 1990 kwica abatutsi muri Komini Kibilira (Gisenyi) hagapfa 300 nyuma y'uko bari bamaze gukwiza igihuha ko Inkotanyi ngo zamaze kwica abantu mu duce twegeranye na Kibilira, kandi bakaba bariteguraga gutera n'i Kibilira. Nyamara, ngo icyo gihe ingabo za FPR zari zarasubiye inyuma, nyuma y'igitero cy'ukwakira 1990.

Komisiyo ya gisilikare yemeje ko umwanzi ari umututsi

Kiriya gitero kishe abatutsi b'i Kibilira, kimwe n'ibyishe abo mu tundi duce mbere ya 94, ngo byaberaga ahantu hategereye ahaberaga imirwano, ku buryo umuntu atavuga ko abishe abo batutsi bitabaraga. Inyandiko ya Human Rights Watch ikomeza ivuga ko, nyuma y'uko hasinywa amasezerano ya mbere y'Arusha, muri Kanama 1992, Habyarimana akaza kuyakuba na zero, Koloneli Nsabimana, wayoboraga ingabo z'u Rwanda, yamenyesheje ingabo yayoboraga ko batagombaga kwizera imishyikirano kandi ko bagomba kumenya umwanzi wabo uwo ariwe. Muri icyo gihe ngo Komisiyo ya gisilikare yari yarashyizweho yo kwiga uburyo bwo gutsinda umwanzi, yari yagaragaje ko umwanzi ari umututsi ibivuga muri aya magambo akubiye muri raporo yakoze : « Umwanzi w'ikubitiro ni umututsi w'intagondwa, uri mu gihugu cyangwa hanze y'igihugu akaba akumbuye ubutegetsi, kandi akaba atarigeze yemera, n'ubu akaba atemera revolisiyo ya rubanda ya 1959, ahubwo akaba ashaka gufata ubutegetsi mu Rwanda, akoresheje inzira zose, zirimo no gufata intwaro ».

Human Rights Watch, nkuko bikubiye muri iriya nyandiko, isanga ubuyobozi bukuru bw'igihugu bwaremeraga ko umututsi yitiranywa n'umwanzi, mu gihe ngo ubuyobozi bukuru bw'igihugu butigeze bwamagana ibikubiye muri iriya raporo ya komisiyo ya gisilikare.

Imiterere y'umutwe wa gisivili wo kwitabara muri ajenda ya Bagosora

Nyuma y'uko FPR yigarura igice kinini cy'amajyaruguru mu kwezi kwa Gashyantare 1993, byagaragaje intege nke z'igisirikare cya Leta. Inyandiko ya Human Rights Watch ikavuga ko bamwe mu bayobozi bakuru ba gisirikare na gisivili barushijeho gutekereza ibyo gushyiraho umutwe wa gisivili yo kwitabara (force civile d'autodéfense). Iby'uwo mutwe, abashakashatsi ba Human Rights Watch babisanze muri Agenda ya Koloneli Bagosora yo mu ntangiriro z'1993, aho yasobanuraga ko abasivili bagombaga kuba bagize uwo mutwe bari gukomeza kuba mu ngo zabo, bakajya batozwa n'abapolisi ba Komini, n'aba reserivisiti (abasirikare bavuye ku rugerero). Ku buryo ngo uwo mutwe wari kuba utunganyirijwe ku rwego rwa segiteri ugashingwa Konseye na Police. Mu gitekerezo cya Bagosora (nkuko byanditse muri iyo agenda) ngo bikaba byari ngombwa ko abo basivili benshi bigishwa gukoresha amacumu, imiheto n'imyambi, hakagira bacye bahabwa za Kalachinikov na gerenade. Muri iyo Agenda, Bagosora ngo yanavugaga ko Radiyo zigomba gukoreshwa neza, abaririmbyi nka Bikindi bagahabwamo umwanya. Bagosora yavugaga ko mu gutanga imbunda, batagomba kwita ku mashyaka abantu barimo. Uriya mutwe wa gisivile wo kwitabara ngo nti wabashije kujyaho mu mezi ya mbere ya 93, bitewe n'amacakubiri yari ashingiye ku turere no ku mashyaka menshi, kandi ngo n'imitwe yitwaraga gisilikare ikaba muri icyo gihe yari ishyamiranye.

Komeza urup13

Journal Inkiko Gacaca

Editorial

Mémoire du Génocide et Juridictions Gacaca

Le thème choisi pour la semaine du deuil national était : « Souvenons-nous du génocide en participant aux juridictions gacaca et en ayant le courage de dire la vérité et de faire face aux conséquences du génocide.» Au début, la semaine de deuil national ne faisait pas l'unanimité des Rwandais : il y en a qui pensaient que cette semaine dédiée à la mémoire du génocide visait à raviver la colère, l'irritation et la rancune des rescapés qui ont perdu les membres de leurs familles pendant le génocide.

En réalité, ce ne sont ni la colère, ni l'irritation ni la rancune qui sont visées; la semaine de deuil national doit être commémorée en hommage à ces innocents dont les ossements encore éparpillés ici et là dans le pays doivent être dignement inhumés à cette occasion. La semaine de deuil national doit également constituer une occasion privilégiée pour approfondir la réflexion sur l'holocauste qui s'est abattu sur notre pays, afin que chaque Rwandais s'emploie à ce que cela ne se reproduise plus jamais.

Au fur et à mesure que les années passent, les Rwandais comprennent davantage la nécessité de cette semaine de deuil national et participent de plus en plus nombreux aux manifestations de mémoire prévues dans ce cadre.

Dans son discours prononcé le 7 avril dernier à Nyamasheke à l'occasion du lancement de la semaine de deuil national, le Président de la République a rappelé « le devoir de mémoire comme une nécessité pour que le mal qui a marqué notre histoire ne se reproduise plus. » Il a par ailleurs indiqué que « nous devons faire face aux conséquences de cette mauvaise histoire du génocide, sinon nous ne serions pas différents de ceux qui ont commis le génocide.» Et le Président Kagame d'ajouter que, par leurs mauvais agissements, les Rwandais ont perdu leur dignité et que ce sont eux-mêmes qui doivent œuvrer au rétablissement de la dignité qu'ils ont perdue.

Les Rwandais pourront recouvrer leur dignité perdue lorsque les auteurs et les rescapés du génocide auront compris la nécessité de collaborer pour rétablir la vérité sur le génocide, afin que les auteurs demandent sincèrement pardon et que les victimes rescapées aient le courage de pardonner réellement. Même si c'est difficile, on est habitué à ce que le courage se fasse remarquer à travers des situations difficiles et hors du commun.

Dès lors, les Rwandais auront les coeurs apesés et pourront ainsi mettre la vérité au service des Juridictions Gacaca. A ce niveau, ce sera déjà une base solide pour démarrer avec espérance la machine de la justice réconciliatrice dont la réussite rétablira la dignité des Rwandais et constituera pour eux une raison de fierté pour avoir efficacement résolu eux-mêmes leurs problèmes majeurs.

La Rédaction.

L'implication de grandes puissances dans les différents génocides : un obstacle contre la justice

La semaine du deuil national a été caractérisée, à travers tout le pays, par des conférences portant sur le génocide rwandais de 1994. C'est dans ce cadre que le personnel du Service National des Juridictions Gacaca (SNJG) a suivi, le 10 avril de 13H30 à 18H00 dans la salle de réunion du SNJG à Kacyiru, des exposés sur les génocides rwandais, cambodgien et bosniaque Les conférenciers du jour : Tom Ndahiro qui fait des recherches sur le génocide des Tutsi au Rwanda ; Mme Soko Farida, cambodgienne et professeur en Esthétique à Paris VIII ; Assia, rescapée du génocide bosniaque qui fait ses études à Paris et Laure, française et professeur de littérature sur la culture de la violence extrême.

En ouvrant cette conférence, la Secrétaire Exécutive du SNJG, Mme Domitille Mukantaganzwa, a indiqué que cette rencontre avait été prévue pour aider les agents quotidiennement confrontés aux conséquences du génocide à avoir une même compréhension du génocide et de l'idéologie du génocide. Raison pour laquelle, a-t-elle dit, on a invité Tom Ndahiro qui fait des recherches sur le génocide rwandais, mais aussi des personnes témoins des génocides cambodgien et bosniaque, venues s'associer aux Rwandais en cette période de deuil, pour faire partager leurs expériences.

Le génocide commis au Rwanda en 1994 étant un sujet vaste et complexe, Tom Ndahiro a préféré parler seulement d'un thème, a-t-il déclaré, dont on ne parle pas souvent, alors qu'il fait ses échos un peu partout : « Les négationnistes du génocide s'accordent tous sur une chose, comme quoi il n' y a pas eu de planification de génocide au Rwanda. Même Ruzibiza, dans son témoignage à décharge au Tribunal pénal international pour le Rwanda, a affirmé qu'il n'y a pas eu de planification du génocide.»

Y a-t-il eu planification du génocide ou non ?

Cette question étant le thème choisi par l'orateur, celui-ci a tenu à démontrer que le génocide avait été planifié, avec, à l'appui, des articles publiés par le journal incendiaire **Kangura** de Hassan Ngeze, le discours de feu président Habyarimana lors du congrès du MRND, le 28 avril 1991, dans lequel il appelait les Rwandais notamment à « l'unité basée sur celle de la *masse populaire (rubanda nyamwinshi)* », en l'occurrence les Hutu, a dit Tom Ndahiro, avant de souligner le rôle joué par les chansons de Simon Bikindi qui appelaient au réveil des Hutu.

Le conférencier a souligné que ce discours appelant à l'unité des Hutu était intervenu dix mois après la publication, par **Kangura**, des dix lois des Hutu incitant ces derniers à la haine contre les Tutsi. Ndahiro a regetté que « cette unité ait été atteinte avant, pour commettre le génocide, et après pour refuser de passer aux aveux en niant la vérité.»

Tous les planificateurs de génocides se ressemblent essentiellement par trois éléments

Selon Tom Ndahiro, tous les planificateurs de génocides cherchent d'abord l'unité de ceux qui sont appelés à mettre leur plan en exécution, puis inculquent dans leurs têtes que s'ils ne tuent pas leurs prétendus ennemis, ce sont ces derniers qui les tueront. En fin, les cerveaux des génocides cherchent l'appui des responsables des confessions religieuses qui ont une grande influence sur la vie spirituelle des gens, a-t-il dit.

Mettant l'accent sur l'importance du rôle joué dans le génocide par la radio des mille collines (RTLM), Ndahiro a déclaré que tous les actionnaires qui ont contribué à la fondation de cette radio, et qui n'ont pas encore demandé pardon, devraient se sentir coupables au même titre que les planificateurs, tant qu'ils ne se sont jamais désolidarisés de cette radio, et demander pardon aux rescapés du génocide.

Tout en soulignant que le génocide a été planifié, Tom Ndahiro a conclu que « tout Hutu qui n'a pas trempé dans le génocide devrait se sentir à l'aise comme les autres rwandais sans se laisser tomber dans dans le piège de la solidarité négative des génocidaires.»

Le génocide cambodgien et ses particularités

Mme Soko Farida, rescapée du génocide cambodgien et professeur à Paris, a pour sa part parlé des horreurs du génocide commis dans son pays, de 1975 à 1979, par les Khmers Rouges avec à leur tête Pol Pot. Le mobile du génocide commis par les Khmers rouges était l'implantation de l'idéologie communiste se traduisant par la révolution agraire : renverser le régime en place et détruire toutes les institutions, dont les banques symboles du capitalisme, et distribuer les terres aux paysans.

Pour mettre en œuvre leur plan génocidaire, les Khmers rouges ont exterminé tous les intellectuels et toutes les personnes portant des lunettes, considérées *de facto* comme intellectuelles, les religieux et tous les cambodgiens classés dans une catégorie sociale supérieure à celle des paysans.

Ils ont, par ailleurs, aboli l'enseignement classique et les écoles, instaurant comme seul système d'enseignement les réunions de propagande pour sensibiliser la population à leur idéologie. Les Khmers rouges ont procédé systématiquement à la destruction de la notion de famille en obligeant les gens au mariage forcé par tirage au sort, et les termes désignant les liens parentaux (papa,

➡

L'implication de grandes puissances dans les différents génocides : un obstacle contre la justice

maman, oncle, tante, fils, fille, cousin,….) étaient interdits. Tous les cambodgiens, y compris les parents et leurs enfants, étaient obligés de s'appeler entre eux par le terme « camarade ».

En quatre ans, du 17 avril 1975 au 7 janvier1979, avec l'alibi de la révolution agraire sous l'impulsion du racisme social, le génocide cambodgien a fait deux millions de morts sur une population totale de huit millions à l'époque. Deux millions de personnes étaient déjà déplacées de la capitale, trois jours après la prise du pouvoir par Pol Pot à Phnom Penh.

De gauche à droite: Laure, française et Professeur à Paris; Soko Farida, rescapée Cambodgienne; Domitilla Mukantaganzwa, Secrétaire Excutive du SNJG et Tom Ndahiro.

Toujours des puissances extérieures derrière chaque génocide !

Et Mme Soko Farida d'affirmer que toutes ces horreurs ont été commises sous la complicité des Etats-Unis et de la Chine. Si on peut essayer de comprendre la complicité de la Chine dans le cadre de sa politique d'extension de l'empire communiste à cette époque chaude de la guerre froide, on a du mal à comprendre les mobiles qui ont poussé les Etats-Unis non seulement à fermer les yeux devant la folie des Khmers rouges, mais aussi à soutenir, peu ou prou, ces ennemis déclarés du capitalisme dont les Etats-Unis sont le symbole, et qui tuaient, exterminaient leurs compatriotes et détruisaient les infrastructures de développement ! Tous ces dégâts au nom d'une quelconque idéologie !

A cette question, la rescapée cambodgienne a précisé que la complicité américaine dans le génocide cambodgien était motivée par la neutralité adoptée par le régime cambodgien pendant la guerre du Vietnam. Ce qui devrait inciter tout un chacun à réfléchir davantage sur le degré de conviction de ceux qui prétendent combattre au nom de telle ou telle idéologie politique. Celle-ci n'est-elle pas une arme qui aide les politiciens à parvenir à leurs ambitions, l'idéologie n'étant rien en soi, mais que seuls les intérêts et les opportunités comptent?

La communauté internationale pour la culture de l'impunité ?

Le comble de malheur pour les rescapés cambodgiens, c'est que, 31 ans après cet holocauste, les Nations unies n'ont toujours pas amorcé la mise en place d'un tribunal pour juger les Khmers rouges. Selon Soko Farida, les grandes puissances, qui ne veulent pas que leur rôle ressurgisse aux yeux du monde, usent de leur influence pour empêcher la création d'un tel tribunal.

La même inquiétude est partagée par Assia, cette rescapée du génocide bosniaque et étudiante à Paris. Racontant tristement le cauchemar vécu par les musulmans bosniaques et du Kosovo pendant la guerre de 1992-1995, Assia a indiqué que deux cent mille bosniaques sont morts, vingt mille femmes ont été violées et deux millions de personnes déplacées. Et la plupart des victimes, a-t-elle dit, sont tombées à Sarajevo sur la queue à la recherche de pain et d'eau au Kosovo où quelque six cent mille personnes sont restées longtemps assiégées. Et Assia de conclure en soulignant que son devoir avec ses co-rescapés bosniaques est d'obtenir la justice auprès de la communauté internationale qui a permis la réalisation de ce génocide, et semble protéger la culture de l'impunité au détriment de la justice en faveur des victimes.

A quand la fin des génocides dans le monde ?

Plus que le génocide des Arméniens deux décennies plus tôt, celui perpétré par les nazis contre les Juifs pendant la seconde guerre mondiale a réveillé l'attention de la communauté internationale. Comme pour marquer la lourdeur de la gravité de cet holocauste, la communauté internationale lançait le slogan « Never again » ou « Plus jamais ». Mais cela n'a pas empêché que, 30 ans plus tard, d'autres génocides et des massacres d'une extrême violence aient été perpétrés dans différents pays comme le Cambodge, la Bosnie Herzégovine et le Rwanda.

Le « Never again » avait-il été déjà oublié pour que se réalisent les génocides cambodgien, rwandais et bosniaque ? Ou bien « Never again » a été transformé en chanson par des opportunistes qui profitent des catastrophes contre l'humanité comme le génocide pour monter à la tribune, avec l'objectif non point de lutter réellement contre le génocide et ses corollaires, mais pour cueillir indûment le fruit jailli du sang des innocents !

Si le « Never again » avait été lancé du fond des cœurs de tous les humains, en général, et de tous les politiciens du monde, en particulier, les rescapés cambodgiens ne seraient plus en train de réclamer justice, plus de 30 ans après la folie diabolique des Khmers rouges qui a fait deux millions de victimes.

La Bosnie, déjà intégrée dans cette Europe qui se réclame d'être le fervent défenseur des droits de l'homme, n'aurait pas dû pleurer, à l'aube du 21ème siècle, quelque deux cent mille morts à cause de l'ambition de Milosovitch d'instaurer la Grande Serbie sans musulmans de Bosnie et du Kosovo ! Les Rwandais, réputés pour leur volonté laborieuse en vue du progrès social, ne seraient pas confrontés aujourd'hui au problème de centaines de milliers d'orphelins et de veuves du génocide, souvent abandonnés à eux-mêmes dans le désespoir comme ils l'ont été en 1994, malgré la présence des forces onusiennes !

On pourrait énumérer d'autres cas de violences extrêmes à travers le monde, sans en finir. Mais les exemples rappelés ici ne suffisent-ils pas déjà pour nous interpeller tous à prendre davantage conscience de la gravité du danger génocidaire, d'où qu'il vienne et quelle que soit la victime visée ? Raison pour laquelle les politiciens des pays en développement, lesquels sont les plus vulnérables au génocide, devraient s'atteler, non point à l'élimination de leurs opposants comme c'est souvent le cas pour se maintenir indéfiniment au pouvoir, mais plutôt à la consolidation du système politique garantissant à tout citoyen, sans autre considération - raciale, ethnique, linguistique, religieuse, régionale- les droits fondamentaux de la personne, lesquels ne peuvent être atteints sans démocratie réelle.

Je fais un rêve sans dormir

Comme les tristes expériences montrent que dans chaque génocide il y a toujours la complicité directe ou indirecte de puissances étrangères, voire même de grandes puissances, les Nations unies, qui ont déjà fait preuve de leur incapacité à lutter efficacement contre les génocides, et la communauté internationale en général, devraient encourager et financer, au moins dans les pays les plus vulnérables, des recherches sur la lutte contre le génocide et veiller à la mise en application des stratégies et résultats issus de ces recherches.

Et sans devoir attendre le financement extérieur, les pays plus concernés que les autres devraient prendre conscience de la nécessité de telles recherches et mobiliser des fonds sur les budgets ordinaires, comme ils le font pour acheter des armes, et s'employer à assurer la tranquillité de leurs citoyens qui pourront se consacrer à l'amélioration de leur situation sociale sans être handicapés par des menaces d'un éventuel génocide.

Cela peut apparaître comme un rêve dans un monde qui, en une trentaine d'années, a connu au moins trois génocides et plusieurs massacres à grande échelle d'une violence inimaginable. Mais avec la prise de conscience et la mobilisation de la communauté internationale, ce qui ressemble à un rêve aujourd'hui peut devenir la réalité demain. Grâce notamment à la sensibilisation soutenue au respect mutuel et à l'amour pour son prochain. Et au-delà d'un rêve, l'on peut envisager avec espérance l'avènement des temps meilleurs et la fin des génocides dans le monde.

Dès lors, « Never again »pourra être lancé non plus comme un slogan à la portée des aventuriers opportunistes peu soucieux des méfaits et des conséquences du génocide, mais cette fois-ci comme un chant de triomphe célébrant la victoire de l'humanité contre le cauchemar du génocide. Oui, le rêve d'aujourd'hui peut devenir réalité demain.

Vénuste Kayihura

TPIR:15 Ans de prison pour Paul Bisengimana

L'ancien bourgmestre de Gikoro, Paul Bisengimana, a été condamné à quinze ans de prison, le 13 avril 2006, par une chambre du Tribunal pénal international pour le Rwanda (TPIR). Il avait auparavant plaidé coupable de deux crimes contre l'humanité: extermination et assassinat.

Les crimes commis à Gikoro dans l'ancienne préfecture de Kigali rural en 1994 sont parmi les plus documentés au parquet du Tribunal pénal international pour le Rwanda (TPIR). Trois ex-responsables locaux ont été jusqu'ici mis en accusation, dont deux déjà condamnés.

Le dernier en date est l'ancien bourgmestre de cette commune riveraine du lac Muhazi, Paul Bisengimana, 58 ans, qui vient d'écoper de 15 ans de prison. Il comparaissait devant la deuxième chambre de première instance du TPIR présidée par la juge malgache Arlette Ramaroson.

Avant lui, c'est à un autre ancien bourgmestre, cette fois-là de la commune voisine de Bicumbi, Laurent Semanza, que le Tribunal a imposé une peine de 35 ans de prison, en partie pour les crimes commis à Gikoro.

Le troisième accusé, Juvénal Rugambarara, le successeur de Semanza à la tête de la commune de Bicumbi, est quant à lui encore en détention préventive à Arusha.

15 ans de prison pour Paul Bisengimana: le procureur avait requis 14ans pour l'ancien Bourgmestre de Gikoro

Alors que Semanza a été condamné au terme d'un procès qui a duré trois ans, Paul Bisengimana, lui, a choisi de coopérer avec la justice en plaidant coupable. Résultat: le tribunal a uniquement tablé sur un accord conclu entre le repenti et le bureau du procureur, les débats sur le fond et son corollaire, la comparution des témoins, étant devenus ipso facto caducs.

De tels accords ont notamment pour avantage l'économie du temps et des ressources judiciaires.

Omission d'agir

Paul Bisengimana a plaidé coupable d'avoir aidé et encouragé les massacres de Tutsis réfugiés à l'église de Musha et au complexe de Ruhanga, qui comprenait un temple et une école, entre le 13 et le 15 avril 1994. Près d'un millier de personnes ont été tuées au cours de ces deux attaques menées par des militaires, des miliciens Interahamwe, des civils armés et des policiers communaux.

L'ancien bourgmestre Bisengimana a reconnu sa présence à l'église de Musha et a admis que cela était de nature à encourager les assaillants et à leur donner l'impression que l'autorité qu'il représentait approuvait leurs actes.

Il a, à la même occasion, admis n'avoir rien entrepris pour protéger les personnes menacées alors qu'il en avait les moyens. La chambre a, à ce point précis, conclu que son omission d'agir constitue une grave négligence.

Bisengimana et le procureur s'étaient convenus de proposer à ses juges une peine allant de 12 à 14 ans de prison. La chambre, qui avait préalablement déclaré qu'elle n'était pas liée par l'accord entre les parties, est allée au-delà de cette fourchette, eu égard à une série de circonstances aggravantes.

La première d'entre elles est la gravité du crime lui-même dont il a été jugé pénalement responsable. Selon les juges, les attaques de l'église de Musha et du complexe de Ruhanga étaient généralisées et dirigées contre une population en raison de son appartenance ethnique.

Les juges sont convaincus de ce fait que Paul Bisengimana connaissait le contexte général des attaques au Rwanda en avril 1994 et savait que ses propres actes s'inscrivaient dans le cadre de ces attaques.

Une autre circonstance aggravante retenue contre Bisengimana est sa position officielle pendant le génocide. Nommé bourgmestre de Gikoro par arrêté présidentiel en mai 1981, il exerçait toujours cette fonction en avril 1994.

Représentant du pouvoir exécutif au niveau de la commune de Gikoro, Bisengimana y exerçait toute l'autorité administrative. Il était de ce fait responsable de la sécurité des personnes et des biens. De plus, tous les fonctionnaires de la commune ainsi que les conseillers de secteur étaient sous ses ordres.

La chambre a noté que Bisengimana a failli à son devoir de protéger les réfugiés de l'église de Musha et du complexe de Ruhanga. Ultérieurement, il n'a pas non plus puni les auteurs des massacres.

Le fait que Bisengimana soit un homme instruit a été un autre facteur qui a contribué à alourdir la sentence. Avant d'être bourgmestre de Gikoro, le repenti a été successivement enseignant, directeur d'école et juge président du tribunal de canton de Nyamata au Bugesera. Il a fait ses études au collège de Rwamagana et à l'école normale de Byumba.

Des regrets jugés sincères

Les juges lui ont toutefois reconnu quelques circonstances atténuantes. Il s'agit de son plaidoyer de culpabilité, accompagné de remords exprimés publiquement, sa situation familiale et personnelle «en ce qu'elle lui donne des chances de réinsertion dans la société,» l'absence d'antécédent judiciaire et la bonne conduite en détention, sa bonne moralité avant le génocide et son age avancé conjugué à son mauvais état de santé.

Ce père de 10 enfants a exprimé des regrets jugés sincères par la chambre et a demandé pardon pour ses crimes.

«A ce jour unique de l'histoire de ma vie… je voudrais exprimer mes regrets devant vous, devant tous les Rwandais où ils se trouvent et devant le monde entier pour n'avoir pas pu protéger et sauver les personnes qui m'avaient fait confiance», a déclaré Bisengimana le 19 janvier 2006 lors d'une audience préliminaire au prononcé de la sentence.

«En tant que bourgmestre, j'ai fini par comprendre que j'avais une responsabilité dans les événements de Gikoro», a-t-il souligné.

«Je dois reconnaître et assumer ma part de responsabilité dans ce qui s'est passé», a expliqué Bisengimana.

«Je demande pardon aux familles des disparus, à tous les rescapés qui sont toujours sous le choc du traumatisme…J'exprime publiquement mes remords pour ne pas avoir pu sauver ces vies innocentes alors que ma mission première était de les sauver», a-t-il ajouté.

«J'espère que ma démarche contribuera à la réconciliation du peuple rwandais», a-t-il conclu.

Bisengimana est toujours hanté par les coups de feu qu'il a entendus quand les réfugiés étaient suppliciés par leurs bourreaux, a-t-il dit. «Ce bruit, je l'entends toujours vibrer dans mes oreilles».

Paul Bisengimana a été arrêté le 4 décembre 2001 au Mali et transféré le 11 mars 2002 au centre de détention du TPIR à Arusha. Il avait d'abord plaidé non coupable sur les 12 chefs d'accusation qui étaient initialement retenus contre lui. Il a ultérieurement changé de plaidoyer et reconnu sa responsabilité après des négociations ardues avec le procureur.

«La chambre observe qu'un plaidoyer de culpabilité peut être considéré comme prouvant l'honnêteté de son auteur et qu'une forme de reconnaissance doit être accordée à ceux qui plaident coupables de leurs crimes afin d'encourager d'autres accusés à en faire de même», lit-on dans le jugement.

Augustin Twagirayezu, Arusha

Gacaca irakenewe muri Kaminuza y'u Rwanda!

Nyuma y'imyaka 12 u Rwanda rugwiriwe n'amakuba y'ubwicanyi burenze kamere, abanyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda nyuma ya jenoside bahungiye hirya no hino mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda. Bake muri bo, bashoboye gusubira kwiga muri iyo kaminuza, baherutse gusaba ubuyobozi bwa Kaminuza ko bwashyira Inkiko Gacaca muri Kaminuza y'u Rwanda, kuko bashaka kubaka igihugu cyabo, bavugisha ukuri ku byabaye mu Rwanda icyo gihe...

Muri iki cyunano cya 12 u Rwanda ruzirikana abarwo bazize jenoside yo mu 1994, Kaminuza y'u Rwanda iri mu Karere ka Huye mu Ntara y'Amajyefpo, yifatanyije n'abanyeshuri bayo mu gutegura icyunamo. Umuryango w'Abanyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda bacitse ku icumu rya Jenoside (AERG) n'abandi banyeshuri, bitabiriye ibiganiro mbwirwaruhame kuri za jenoside zabaye ku isi, barara ku irimbi rya Kaminuza y'u Rwanda bibuka abazize jenoside, ndetse bamwe muri bo, bitabira gushyingura mu cyubahiro amagufa y'inzirakarengane hirya no hino mu Rwanda.

Bwana Kayige Ange Claude, umunyeshuri wacitse ku icumu rya jenoside, akaba yungirije umuhuzabikorwa wa AERG muri Kaminuza y'u Rwanda, yishimiye imyumvire y'abanyeshuri bigaga muri Kaminuza y'u Rwanda mu gihe cya jenoside n'ababari ubu ngubu. Yatubwiye ko mu myaka ya mbere na mbere nyuma ya jenoside, abanyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda batitabiraga bishimishije imihango ijyanye no kwibuka abazize jenoside yo mu 1994. Uko igihe cyagendaga gishira, ni nako imyumvire yabo yagiye ihinduka. "Muri iki cyunamo cya 12 tuzirikana abacu bazize jenoside, abanyeshuri baracyitabiriye cyane haba kurara amajoro ku irimbi rya kaminuza, haba kwitabira ibiganiro mbwirwaruhame cyangwa se kureba filimi za jenoside ku isi". Kayige Ange Claude yakomeje avuga icyamushimishije cyane muri iyo myumvire y'abanyeshuri."Bariya batahutse bashobora kuba baragize uruhare mu bwicanyi bw'abanyeshuri muri kaminuza, umwe muri bo, yasabye byimazeyo umuyobozi wa Kaminuza y'u Rwanda, Bwana Chrysologue Karangwa ko yatangiza Inkiko Gacaca z'abanyeshuri. Ngo yiteguye kuvuga ukuri ku byabaye kuko yumva nta mahoro afite kandi hari n'abantu bamukekera ubusa..."

Icyo gitekerezo cyakiriwe neza na Kaminuza, ibizeza ko igiye gusuzuma uko izo nkiko zashingwa n'uko zakora.

Ibigawa muri Kaminuza

Kayige Ange Claude, hari n'ibyo yagaye. Ati: hari ibiganiro bimwe na bimwe abanyeshuri basuzuguraga ntibaze mu cyumba cy'ibiganiro. Twavuga nk'ibiganiro birebana n'ubumwe n'ubwiyunge n'ibivuga ku ndishyi z'akababaro cyangwa se n'ibindi bijyanye nabyo. Ukuza kw'abanyeshuri guterwa n'insanganyamatsiko y'uwo munsi. Benshi ntibitabiriye ibiganiro birebana n' ubumwe n'ubwiyunge. Bishakira kureba za filimi gusa, kuko zo zerekana amateka nkuko yakabaye. Ngo urebye kure baba bashaka gukora ubushakashatsi kuri jenoside cyangwa se kumenya amateka bagendeye ku bintu bifatika.

Ku banyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda barenga ibihumbi 8, usuzumye neza, usanga bose batitabira kuzirikana abazize jenoside. Mu cyumba cy'ibiganiro (grand auditorium) haza benshi ariko bidakabije. Icyo cyumba gishobora kwakira abantu barenga gato1500. Ni ukuvuga ko wenda1/4 cy'abanyeshuri aribo bitabira byimazeyo imihango yo kwibuka abazize jenoside. Umunyeshuri Kazimbaya Wilson watanze icyo cyitegererezo yakomeje avuga ko abanyeshuri ba Kaminuza bahorana imirimo yo kwiga itaboroheye, bityo bakaba icyo gihe baba bategura ibizamini. Mugenzi we Mukankusi Marita, yatubwiye ko benshi baba bibereye iwabo kuko mu gihe cy'icyunamo amasomo n'ibizami biba byarahagaze.

Gahunda y'umwihariko yo kwibuka abanyeshuri ba kaminuza

Kaminuza y'u Rwanda iyo imaze kwifatanya n'igihugu kwibuka muri rusange abazize jenoside, ihita itegura nayo gahunda yo kwibuka by'umwihariko abanyeshuri, abarimu n'abakozi bayo. Kuva aho umwaka w'amashuri wahinduriwe, Kaminuza y'u Rwanda ntiyashoboye kwibuka abayo kubera izo mpinduka. Ikiriyo cyari giteganyijwe mu kwezi k'ukwakira, guturuka kuri 21 kugeza kuri 28, cyimuriwe ku wa 21 kamena za buri mwaka.

Muri icyo gihe, Kaminuza y'u Rwanda itegura ibiganiro binyuranye, ubuhamya kuri jenoside y'Abatutsi no kureba za firimi kuri za jenoside. Niba Inkiko Gacaca za Kaminuza zizaba zatangiye, ukuri ku bwicanyi ndenga kamere bwakorewe intiti z'u Rwanda kuzamenyekana kuko abanyeshuri bari bahari igihe cya jenoside biteguye kuvugisha ukuri.

Ubuhamya abanyeshuri batanze muri iki cyunamo bwarijije benshi, cyane cyane abari n'abategarugori. Umunyeshuri Munezero Arlette Wiclef yasobanuye ko abagabo bifashe kutarira nyamara baririra mu mitima yabo. Abazize jenoside muri Kaminuza y'u Rwanda, bamwe amafoto yabo amanitse ku rwibutso rwa jenoside ruri muri Kaminuza.

Alphonse Byuma

ibikurikira urup.9

Iyicwa rya perezida Ndadaye ryabaye iturufu ry'abifuzaga kugira intwaro ubumwe bw'abahutu

Raporo ya Human Rights Watch yemeza ko iyicwa rya Perezida Ndadaye w'u Burundi ryatumye abayobozi bamwe bakuru b'amashyaka yari yiganjemo abahutu ajya ku ruhande rw'abari bashyigikiye Perezida Habyarimana. Ivuga iby'iteraniro ryabaye ryo kwibuka Perezida Ndadaye ryabaye mu mpera z'Ukwakira 1993. Ngo niho abari basanzwe ari abambari ba Perezida Habyarimana n'abandi bo mu mashyaka batavugaga rumwe bashoboye noneho gushinga ikiswe Hutu Power, ubwoko aribwo bushingiweho.

Nk'uko raporo ya HRW ikomeza ibivuga, hashize icyumweru iryo teraniro ribaye, aba ofisiye bakuru barateranye kugira ngo banononsore ibyiriya gahunda y'umutwe wa gisivili wo kwitabara. Indi nama abateguye jenoside ngo bayikoze mu ntangiriro za 94, bakora inyandiko yitwa « organisation de la défense civile » (imiterere y'umutwe wa gisivile wo kwitabara). HRW ihamya ko iriya nyandiko itari ifite itariki, kandi itari isinye, ariko ngo Yohani Kambanda, wabaye Minisitiri w'Intebe akaba yaremeje ko ayizi yabayeho. Abagenzacyaha ba TPIR ngo bayifashe ubwo bataga muri yombi Kambanda mu mwaka w'1997. Mu bagombaga kuyobora iriya gahunda y'umutwe wa gisivili wo kwitabara, inyandiko ivugamo n'abayoboke b'amashyaka ngo « ashyigikiye ihame rya Repubulika na Demokarasi ». Iyi mvugo ngo y'abashyigikiye Repubulika na Demokarasi ngo niyo yaje guhindurwa ikitwa Hutu Power.

Mu gihe abayobozi bo mu nzego nkuru za Leta buri wese yahabwaga imirimo yagombaga kuyobora muri urwo rwego rw'ukwitabara kw'abasivili, HRW itangazwa n'uko uwari Minisitiri w'Intebe Agathe Uwiringiyimana nta kintu na kimwe yashinzwe. HRW ikemeza ko byatewe n'uko atabarirwaga mu bayoboke ba Hutu Power.

Perezida Habyarimana akimara gupfa, abari mu ngabo bishe abanyapolitiki bose batavugaga rumwe na Hutu Power, uhereye kuri Minisititi w'Intebe Agathe Uwiringiyimana.

HRW yemeza ko n'ubwo icyo gihe gahunda ya « défense civile » yari itararangira, imirongo minini yayo yari yarashyizweho, ku buryo ngo Guverinoma igiyeho ku ya 9/4/1994 abari barateguye iriya gahunda babashije kuyishyira ahagaragara, ndetse, ngo nyuma y'iminsi 10 abayobozi bashya bagiyeho, bagiye gutoranya abasore bo kwinjiza mu mutwe w'ukwitabara kw'abasivili. Bivuze ko nkuko byemezwa na raporo ya HRW, gahunda ya « défense civile » Leta yayigize iyayo, ikayitangaza mu iteka ryo ku wa 25 Gicurasi 1994 ryasohowe na Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu. Ku bwa HRW, kuba abari mu mutwe w'Iinterahamwe barinjijwe muri iyo gahunda ya « défense civile », bigaragaza ko guverinoma yemeraga ibikorwa by'ubwicanyi bakoze mu ntangiriro za Mata 1994.

Mu gusoza HRW yemeza neza ko abari muri ya gahunda ya « autodefense civile » bakoreshejwe mu guhiga abatutsi, bityo ngo kuba uwo mutwe w'ukwitabara kwa gisivili, warakoreshejwe n'ubuyobozi bwa gisivili na gisirikare, mu kurwanya abaturage (abatutsi) badafite intwaro, ubwo buyobozi bwa gisivili na gisirikare bwanyuranyije n'amategeko mpuzamahanga, bahindura uwo mutwe intwaro ya jenoside.

Byakusanyijwe na Antoine Rwagahilima.

Abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca basuye urwibutso rwa Jenoside i Murambi

Ku wa kane, tariki ya 13 Mata 2006, ubwo hasozwaga icyumweru cyo kwibuka abazize jenoside ku nshuro ya 12, abakozi b' Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca basuye urwibutso rwa Jenoside i Murambi ku Gikongoro mu Ntara y'Amajyepfo.Nk'uko abatangabuhamya babisobanuye, Jenoside y'aho i Murambi isa n'aho yakozwe mu munsi umwe gusa, ariko igahitana abantu basaga ibihumbi 50, harokoka abatarenze icumi.

Nyuma yo gushyira indabo ku mva, basuye amagufa y'abazize jenoside aho i Murambi, basobanurirwa n'amateka mabi yaranze u Rwanda kuva mu gihe cya gikoloni kugeza kuri Jenoside yo mu w'1994.

Umutangabuhamya Mutangana Simon ni umwe muri bake bacitse ku icumu ukomoka mu cyahoze ari Komini Mudasomwa mu Murenge wa Nyamigina. Mu buhamya bwe, yasobanuye ko jenoside iwabo, yatangiriye muri centre y'ubucuruzi yitwa Gasarenda aho interahamwe zishe umucuruzi witwa Mpari hamwe n'abakozi ba sosiyete EMUJECO bakoraga umuhanda.

Ku itariki 8, baramanuka batera umurenge wa Nyamigina, bica Nturo Frederiko n'umuryango we, barasenya, batwara n'inka ze. Uwo munsi ngo nibwo interahamwe nyinshi zahise zisuka ku misozi yose ziratsemba abo zasanze mu mazu, induru ziravuga, bamwe bagerageza kwiruka, barambuka mu cyahoze ari Komini Nyamagabe, abandi bakomeza muri diyoseze ya Kigeme.

Mutangana we ngo yihishe mu mashyamba, ahamara iminsi 2. Inzara imaze kumwica, avamo, nawe ahungira ku Kigeme aho yasanze abandi batutsi bagera ku ijana bo ku murenge wabo. Musenyeri wayoboraga iyo diyoseze witwa Kayumba ari kumwe na Musenyeri Birindabagabo Alexis w'i Gahini, bagerageza kubaha igikoma cy'ingano. Bamaze kunywa igikoma, babona uwari perefe Bukibaruta, kapitene w'umujandarume Seburore, uwari burugumesitiri wa Nyamagabe, Semakwavu Felisiyani baje kubwira musenyeri ko bashaka kubatwara, babone uko babarindira hamwe badapfa. Nibwo babatwaraga ku kigo cy'amashuri aho basanze abandi batutsi benshi.

Zabanje kubakatira amazi

Interahamwe zabanje kubakatira amazi banywaga. Imbere yazo hari interahamwe Karangwa na Gasana wambaraga gisirikare bitaga "Major" n'uwari superefe Havuga. Bamaze gukata amazi, barabateye inshuro 2, bagerageza kwirwanaho n'amabuye n'ibiti, barabatesha. Uko iminsi yicumaga, niko inzara yabicaga kuko ntawabagemuriraga. Ku itariki 21, nibwo haje igitero cya simusiga mu gihe cya saa 9 z'ijoro. Interahamwe n'abajandarume batangira kubarasa, nabo bakarasa (bari bafite imbunda), ariko amasasu aza kubashirana bamaze no kunanirwa kubera inzara. Mutangana we yarahunze asubira kwihisha mu mashyamba. Niho yabonye ukuntu bakomeje kwica bararangiza, bazana ikimashini cyitwa "Caterpillar" cyapakiraga imirambo mu makamyo akajya gusuka mu cyobo kirekire cyane iyo mashini yari yacukuye. Inzara imaze kumwica, ava mu ishyamba, ajya ku mugabo w'umuturanyi wari inshuti ye wagerageje kumuhisha no kumugaburira. Ariko abantu bakomeza kuhakeka bakamubwira ko ahisha abatutsi kandi ko bazaza kumusaka, undi akabahakanira avuga ko ibyo atabikora; nibwo yagize ubwoba, abwira Mutangana ngo nasubire mu bihuru, ariko akaba ahazi ku buryo yamuzaniraga ibyo kurya. Abonye batakiza gusaka, amutumaho umwana ngo nagaruke. Arahaba kugeza igihe abafaransa bahagereye; n'inkotanyi zari zigeze

hafi muri Butare zirasa. Nibwo abantu bagize ubwoba, barahunga. Wa mugabo wari umuhishe, amusaba gusanga abandi bari mu kigo cya S.O.S. Yahasanze abafaransa, ababwira ko ari impunzi y'umututsi kandi ko babamaze babica. Aho kumufasha, bamupakira mu modoka, bamusubiza hahandi yavuye. Nibwo yaje guhura n'izindi mpunzi zivanze ni iz'abarundi, ziyemeza kwandikira inkotanyi; nizo zohereje imodoka zo gutwara abantu mu gace zari zafashe. Niko Mutangana Simon yaje kurokoka.

Nk'uko Mutangana yakomeje abivuga, ngo ikimubabaza , kikaba kinababaza n'abacitse ku icumu bose, ni uko muri gacaca cyangwa no mu buhamya batanga n'ahandi, iyo abacitse ku icumu bavuze ibyo babonye, nta muntu ubyemera kuko ari bake ngo ntacyo bavuga. Nk'i Nyamigina, babateye inshuro eshatu zose kandi ari ku manywa, abantu bose bababona, ariko babivuga, ngo barabeshya.

No muri gacaca, umuntu uvuga ukuri ngo afite ibibazo. Yatanze urugero rw'umugore w'umuhutukazi wari washatse umugabo w'umututsi, wari utuye mu kagari k'iwabo witwa Nyiranziza Béatrice. Yavuze ukuntu ubwicanyi bwabaye n'ukuntu basaza be bishe, bica abana be n'umugabo we,… ariko ubungubu ngo ari kuri lisiti ya ba ruharwa, abakoze jenoside bigaramiye.

Mukakabanda we ngo yahuye n'ibibazo byo kuba yarashatse mu batutsi

Mukakabanda Julieta yari afite umugabo w'umututsi. Bari batuye mu kagari kahoze ari aka Murambi, umurenge wa Remera, akarere ka Nyamagabe. Jenoside yatangiye abyaye gatatu. Mu buhamya bwe, yavuze ibibazo yahuye nabyo byo kuba yarashatse mu batutsi. Umugabo we abonye ubwicanyi butangiye, ngo yasabye umugore ko yatwara abana, bagahungira mu kigo cy'abapentekositi aho azabasanga ibintu ni bikomera. Mu minsi 2, umugabo arahamusanga amubwira ko bari bagiye kumwica, Imana ikinga akaboko, kandi ko mukuru we bamutemye hamwe n'abandi benshi. Nibwo uwahoze ari burugumesitiri w'aho ngaho yaje kubatwara ngo bajye i Murambi kugira ngo babahe abasirikare bo kubarinda kuko batabona abasirikare bashyira hose. Bahageze, bahasanga abatutsi benshi cyane bishyize hamwe kugira ngo bageragege guhangana n'ibitero bakoresheje amabuye; ariko biba iby'ubusa, kuko abandi bari bafite imbunda

Komeza urup 16

Inkiko Gacaca

ni

Ikinyamakuru cya SNJG

BP. 1874Kigali
Tél : 55101299

E.mail : inkikogacaca@yahoo.fr

Hasohoka ibinyamakuru 20.000 Giterwa inkunga n'Umuryango w'Ibihugu by'Uburayi (Union Européenne).

Kigamije gukangurira abanyarwanda kwitabira Gacaca no kubamenyesha amakuru y'imanza za jenoside.

Journal Inkiko Gacaca
Propriétaire: SNJG

Comité de Rédaction :

Nkusi Augustin, Vénuste Kayihura,
Alphonse Bakusi ,
Fabien Kanyangusho ,
Anastase Nabahire, Dismas Butera

Rédacteur en Chef :

Vénuste Kayihura,

Rédacteur en Chef Adjoint :

Gaspard Gasasira,

Secrétaire de Rédaction :

Antoine Rwagahilima,

Journaliste:

Jean Claude Rubingisa

Secrétaire - Documentaliste - Maquettiste

Gertrude Kanzayire,

Les pigistes permanents:

Kanamugire Cyrien
Kanyana Bernard Kabale
Byuma Alphonse
Ndeze Alphonse
Manzi Emmanuel Philbert
Semanyenzi Didier
Rudakurwa Ruvusha Prosper
Tumwesigire H. Peace
Twagirayezu Augustin

Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda ntiyabaye nk'ikimanuka

Iki gitekerezo ni cyo cyabaye ipfundo ry'ikiganiro Bwana Tom Ndahiro, ukora ubushakashatsi kuri jenoside yakorewe abatutsi bo mu Rwanda mu mwaka w'1994 yagiriye abakozi b'Urwego rw'igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca tariki ya 10/4/ 2006, mu rwego rw'ibiganiro abanyarwanda bagirirwa mu gihe cy'icyunamo ngo barusheho gusobanukirwa amateka mabi yaranze igihugu cyabo, bityo bafate ingamba z'uko ibyabaye bitazasubira.

Mu gusobanura jenoside yo mu Rwanda yo mu mwaka w'1994, yagerageje kureba ingingo remezo jenoside zose zihuriyeho kandi zigenderaho, nyuma asubira no mu mateka y'iki gihugu agaragaza ibikorwa, imyitwarire byateguye, mu bihe bya vuba n'ibya kera jenoside, we atabona ko yatangiye muri 94 cyangwa muri 90. Kubera ko abantu bose bashaka guhakana cyangwa gupfobya jenoside babanza kwemeza ko itateguwe, byabaye ngombwa ko yerekana ibimenyetso bimwe bigaragaza ko yateguwe. Mu gusobanura jenoside yo mu Rwanda, byabyaye ngombwa ko agaruka ku buryo ingengabitekerezo yayo yagiye yigishwa n'uko byagenze kugira ngo ibintu bigere aho mu Rwanda hicwa abatutsi n'abahutu batari bashyigikiye umugambi w'ubwicanyi barenga miliyoni.

Uko za jenoside zose zisiza ikibanza ni kumwe

Mu kiganiro cye, Tom Ndahiro yerekanye uko abajya gukora jenoside babyitwaramo mbere yo kugera ku ntera yo kuyishyira mu bikorwa. Abajya gukora jenoside ngo babanza gucengeza mu bantu ko batandukanye, badashobora kubana. Bigisha igice kimwe cy'abantu ko bagomba kugirana ubumwe bukomeye, ko kwica abatandukanye na bo (cyangwa bababwiye ko batandukanye) ari ukwitabara kuko bacuze umugambi wo kubarimbura.

Ngo iyo jenoside yarangije gukorwa, guhakana ko ntayabayeho, ko abayikorewe aribo bizize ngo ni indi ntwaro abayikoze bakoresha, nyuma bakanageraageza kwica abayirokotse kugira ngo bakomeze kugaragara nk'abere, he kugira uyibashinja. Ikindi ngo ni uko abajya gukora jenoside babanza gushaka amaboko mu banyamadini. Bwana Tom Ndahiro ntiyatinze cyane ku byiciro binyuranye jenoside iyo ari yo yose inyuramo mbere y'uko ishyirwa mu bikorwa, ahubwo yatinze ku buryo iyo mu Rwanda yateguwe.

Ikintu cya mbere yahereyeho ni Kongere ya MRND yabaye muri Mata 1991, ngo yabaye nyuma y'amezi atanu Ikinyamakuru Kangura gisohoye amategeko cyise amategeko cumi y'abahutu. Yerekanye ukuntu amagambo amwe akubiye mu ijambo Prezida Habyarimana yavuze asoza iyo Kongere anagaragaza Manifeste-programe asa n'ayasohotse mu mategeko cumi y'abahutu, kandi yaganishaga ku bwicanyi. Nko kuvuga ngo « gushyigikira ubumwe bw'abanyarwanda bushingiye kuri rubanda nyamwinshi, (…) guhashya umwanzi no kumuca burundu ku gitekerezo cyo gutera u Rwanda (…) gushimangira repulika ishingiye kuri demokarasi iyobowe na rubanda nyamwinshi. Nko ku byerekeye ijambo ubumwe ryakoreshejwe muri disikuru porogaramu ya Habyarimana, Tom Ndahiro yerekanye ko Kangura yari yakoresheje iryo jambo ivuga ko abahutu bagomba kuba bamwe, kugira ngo bikize umwanzi, Kangura yeruraga ivuga ko umwanzi ari umututsi.

Interuro « guhashya burundu umwanzi » yakoreshejwe muri Manifeste porogaramu ya MRND ngo bigahita byumvikana ko umwanzi wavugwagwa ari ubwoko. Ubwo bumwe bw'abahutu, ngo ni bwo umuminisitiri w'u Bufransa ushinzwe ubutwererane yaje gusaba amashyaka ataravugaga rumwe na Prezida Habyarimana, ubwo yasuraga u Rwanda mu mwaka w'1992, akabasaba kuba baretse gushyira imbere ibyo batavugaho rumwe na we, bakishyira hamwe mu guhangana n'umwanzi. Bwana Ndahiro yavuze ko ubwo bumwe ngo bwaje kugerwaho ubwo muri 93 haje kuvuka « forum y'ayo mashyaka », ndetse ngo nimero zimwe za Kangura zikaza kwishimira ko ubwo bumwe bwabonetse. Uwatanze ikiganiro akavuga ko ubwo bumwe (bubisha) buvugwa ari bwa bundi Bikindi yavugaga mu ndirimbo avuga ngo « nanga abahutu batibuka ». Ikindi ngo ni uko ubwo bumwe ari bwo bwatumye abantu badahisha abaturanyi babahungiragaho mu gihe cya jenoside, akaba ari na bwo muri iki gihe butuma ababonye n'amaso yabo ubwicanyi bwakozwe bahitamo kwicecekera mu Nkiko Gacaca.

Gushyamiranya abanyarwanda ntibyahereye kuri Kangura na C.D.R

Kuri icyo kibazo cya bene ubwo bumwe butubaka, mu kungurana ibitekerezo n'uwatanze ikiganiro byaje kugaragara ko Kangura atari yo ya mbere yabusabye, kuko ngo muri za 59 uwitwa Gitera Yozefu yari yaranditse amategeko yigisha abahutu kwishyira hamwe no kwanga urunuka abatutsi, kandi aya Kangura akaba atarusha na gato ubukana aya Gitera. Nk'uko byagaragaye muri icyo kiganiro ko ingengabitekerezo ya jenoside yatangiye cyera, Ndahiro yanerekanye ukuntu mu myaka yabanjirije 1994 habayeho « propagande » yo kumvisha abantu ko Inkotanyi zizabamarira ku icumu, ko zije kugarura ingoma ya cyami, kugarura amaceri na shiku. Ibyo bikigishwa mu ndirimbo no mu nyandiko nk'iza Kangura. Ngo nibatishyira hamwe ngo bitabare barashize.

Ngo ni muri icyo cyiciro habayeho ubwicanyi bwibasiye abatutsi ba za Kibilira, Bugesera n'Abagogwe. Za nimero za Kangura ngo zikajya zisohoka ziriho amasanduku y'abapfuye ngo ari nko kugira ngo zitegure abantu bamenyere urupfu rubategereje.Muri ubwo bwicanyi bwabaye nk'igerageza rya jenoside nyirizina, ngo n'abanyamahanga bagerageje kubyamagana no kumenyekanisha ukuri kwabyo barahizwe baricwa. Akaba yaratanze urugero ku mubikira witwaga Lokateli. Naho ku byerekeranye no gukorana n'abanyamadini kugira ngo umugambi wa jenoside ubashe kugerwaho, yavuze ukuntu ihuriro ry'amadini ryari ryariswe « comité de contact » ryabaye « umuvugizi » wa Prezida Habyarimana mu kumuhuza n'amashyaka ataravugaga rumwe na we, ngo akaba ari na ryo ryaharaniye ko ishyaka C.D.R (byari byaramaze kugaragara ko ryibasiye cyane abatutsi) rigomba guhabwa imyanya muri guverinoma y'inzibacyuho. Tom Ndahiro ati « Prezida Habyarimana ntiyari ayobewe ko za Kiliziya ziramutse zirwanyije umugambi wa jenoside utazashobora gushyirwa mu bikorwa.

Mu kiganiro cye Bwana Ndahiro yagerageje kugaragaza ingengabitekerezo n'ibikorwa binyuranye byateguye jenoside. Yagaragaje ko na n'ubu iyo ngengabitekerezo igihari, abakuru bagashaka kuyishoramo urubyiruko ati « igikwiye kwitabwaho muri iki gihe ni ukuramira urubyiruko » kugira ngo rudashorwa muri ayo mabi. Yagaragaje ko ikindi abantu bagomba guhora bazirikana ari uko uburyozwacyaha (responsabilité) mu byerekeye jenoside atari ubw'abahutu nk'ubwoko, ahubwo ari ubw'abantu bitwaje ubwoko bagakora ibyaha bya jenoside, bagakora amahano. Ati « utaragiye mu mugambi wa jenoside (uwo Kangura yitaga umugambayi) yagombye kugenda yemye ntagire ipfunwe mu bandi. Ku rundi ruhande ngo abantu bose bagize uruhare mu ishingwa rya radiyo RTLM yari ku isonga ry'abamamaza ingengabitekerezo kandi bagakorombereza jenoside bakwiye gusaba imbabazi abanyarwanda, mu gihe intego za RTLM zasohotse muri Kangura N0 46 zagaragara ko ari intego za kirimbuzi.

Ikiganiro cya Tom Ndahiro cyerekanye ko jenoside yakorewe abatutsi yagiye ihemberwa, igihe cyagera, haboneka imbarutso igashyirwa mu bikorwa.Cyerekanye ko abahakana ko jenoside itateguwe bisa n'aho baba bigiza nkana.

Byakiriwe na Antoine Rwagahilima

Ikiganiro cya Tom Ndahiro (iburyo)cyafashije abakozi SNJG gusobanukirwa jenoside ya 94

Jenoside ntiyabaye ikimanuka
.....P. 15

Journal Inkiko Gacaca

Amakuru y'Ubutabera ?
Soma Inkiko Gacaca

Abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca basuye urwibutso rwa Jenoside i Murambi

ibikurikira urup.14

na za grenades. Babagezeho bashaka kubica, umugabo we arababwira ati: "*Nubwo mushaka kutwica, twahunganye n'umugore w'umuhutukazi, niba ari ubwoko mushaka, mutubabarire rwose ntimumwice !"*

Bamwaka ibyangombwa, arabibaha, bamusaba kururutsa umwana yari ahetse, mu gihe akijijinganya, bafora icumu ngo barimujombe, abandi baramuvugira, baramureka, ariko bamusaba gutaha mu rugo. Ako kanya ngo ibitero byinshi biraza, bimuhagarika aho ngaho, bikomeza kumusaba kururutsa umwana cyangwa se amwicane nawe. Bamwe bakavuga ko ako kana kakiri gato cyane ko bakihorera, abandi bagasaba ko bakica kuko nyina asa n'abatutsi kubera uburebure n'izuru bye. Aho yari ahagaze ngo akagenda abona abantu biruka bafite amacumu, imihoro n'amafuni. Abo yashoboye kumenyamo ngo yarabavuze muri gacaca, uretse umusurveillant witwa Butita yavuze nyuma kuko yatinyaga ko yamugirira nabi.

Abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca bashyize indabo ku mva z'abazize jenoside b'i Murambi, mbere yo gusura urwibutso.

Icyatumye ava aho hantu, ngo ni umusirikare wari hejuru kuri etaje wavugije ifirimbi ngo nibarekere aho kwica, ko utapfuye ari amahirwe ye; abaha gahunda yo kujya "gukora" mu Cyanika. Noneho, Mukakabanda abonye ibitero byari bimugose bigiye kumva ibyo uwo musirikare yavugaga, ariruka asubira munzu aho umugabo we yari ari; akigera mu muryango, abona umugabo we yaguye yubamye, abona ipantalo yari yambaye bayimwambuye, abona abana baryamye hirya mu maraso ye, yinjira munzu aranyeganyeza, yumva badahumeka. Umwana umwe warokotse ni wa wundi yari ahetse, ubu akaba akimufite yiga mu wa 6 w'amashuri abanza.

Mukakabanda Juliette , nk'umwe mu Nyangamugayo z'aho ngaho, mbere yo kurangiza ubuhamya bwe, yavuze ko bafite ikibazo cy'uko babaza abantu kubyabaye, umwe akagusubiza ko yari arwaye macinya, undi ngo yari afite ubwoba atasohokaga,… bikaba biteye ikibazo cyo kubona amakuru afatika. Ikindi ngo cyakomeje gutera abantu ubwoba ni ikintu cyo kuvuga ngo ni basanga umuntu abeshya bazamufunga. Nk'umuntu warokotse we nyine, akavuga umuntu yabonye, uwo muntu akazana imiryango ye yose kumwunganira , we adafite umwunganira, ntibazamwita umubeshyi bakamufunga kandi avugisha ukuri? Akaba asaba rero abayobozi kujya bitegereza, bakareba ibimenyetso yatanze n'uburyo yabibonye, bakavuga bati uyu muntu yari ahari koko, ibintu yarabibonye.

Nk'umucungagereza agenda abwira abanyururu ngo ntibazibeshye ngo bavuge amarorerwa yakoze, nabo bagatinya ko, baramutse bamuvuze, bagasubira muri gereza, azabahutaza. Ibyo gusaba umuntu wacitse ku icumu ngo ibyo yavuze azane abagabo, yabakura hehe ko abo bagabo babibonye batakiriho. Yabasabye rero kumva ko abacitse ku icumu bahuye n'ibibazo bitoroshye kandi ko iyo bavuze ikintu baba barakibonye koko.

Yavuze ibyo abandi bakoze, ibye arabihisha

Nteziryayo Pilote ni umwe mu bireze, bakemera n'icyaha bafunguwe n'itangazo rya Perezidansi ya Repubulika. Mu buhamya bwe, yavuze abantu benshi cyane bateguye bakanashyira mu bikorwa jenoside y'abatutsi yo mu w'1994, ariko we akigira umwere.

Nawe yemera ko jenoside y'i Murambi yatangiye saa cyenda za nijoro igeza saa tatu za mugitondo umunsi ukurikira barangije. Ngo ntabwo babishe iminsi itatu cyangwa ine. Mu bo yashinje ngo harimo Nsabimana Salomon wahoze ashinzwe ubumwe n'ubwiyunge aho ku Gikongoro kuba ariwe wishe umunyamakuru wabaga aho witwaga Nsabimana amujugunya mu musarane wo kwa Muhirwa ari naho Liyetona Bayisenga yari agiye kumutsinda, Muhirwa amuha amafaranga; ari nayo mpamvu yatumye arokoka.Yashinje Majyambere wari umuntu ukomeye muri ako gace. Yashinje kandi Liyetona Bayisenga, Caporal Ndagijimana n'uwo bita Dongo, bajyanye nawe kwica abana ba Munderere bari bihishe kwa Kabuga Felisiyani wari umucuruzi ukomeye (**ndlr:** atari wa wundi w'i Kigali ushakishwa) kugira ngo batazakurikirana imodoka ya se Majyambere yagenderagamo nyuma yo kumwica. Yashinje kandi uwitwa Jaguar ucuruza ibyuma by'imodoka (pièces de rechange) n'abandi benshi.

Pilote yakomeje asaba ko jenoside itahanirwa cyane rubanda rugufi kandi abari bafite ingufu muri iki gihugu bahari. Abayobozi n'abasirikare benshi bakoze jenoside, bari mu butegetsi kandi ntabwo bakurikiranwa cyane cyangwa ngo bahanwe.

Mu buhamya bwe yavuze kandi ko gupfa kw'abatutsi atemera ko byatewe n'urupfu rwa Habyarimana kuko Anouar El Sadate wahoze ari umukuru w'igihugu cya Misiri yapfuye bamurashe, ntabwo abanyamisiri bicanye; Samora Machel wahoze ayobora Mozambique yarapfuye, ntabwo abantu bicanye; yarapfuye Emery-Patrice Lumumba wari Minisitiri w'Intebe muri Kongo, abakongomani ntibicanye.

Yakoranye n'abafaransa ajya no kuri bariyeri

Nteziryayo Pilote yivugiye ubwe ko yakoranye n'abafaransa igihe kirekire bamuhemba amafaranga igihumbi ku munsi. Nabo yarabavuze mu buhamya bwe ukuntu basambanyaga abakobwa n'abagore, ukuntu bashyiraga abantu mu magunira bakabajyana muri kajugujugu kubajugunya muri Nyungwe n'ukuntu biciye umugore wari wacitse ku icumu munsi ya A.D.E.P.R., imbwa zikamurya zikamumara. Yasabye bagenzi be bireze, bakemera ibyaha kuvugisha ukuri ku byabaye kuko utabikoze yarabibonye; kandi bakaba barabyireze. Yababajije ati: "*Ese mwireze amashaza cyangwa ibijumba mwakuye? Ese abo mwicaga mwabahambye he? Kuki mutabagaragaza ngo babatabururebabashyingure mu cyubahiro. Murabihishira ngo bigende bite? Ese iyi mirambo yose y'abantu bariyishe?"*

Nyuma y'ubuhamya bwa Pilote, abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, bashatse kumenya ibyo we ku giti cye yakoze, abasubiza ko yamaze kuri bariyeri amezi 2 kandi ko muri icyo gihe cyose yishe umugore umwe gusa, abamubajije bahava batanyuzwe n'icyo gisubizo cya Nteziryayo Pilote.

Rubingisa Jean-Claude